# *Itorero n'Imiterere Yaryo*

Indwara idasanzwe y'umwana igomba kwibukwa cyane mu masengesho by'umwihariko muri iki gitondo, mu by'ukuri turashaka ko mwese mubikora. Abaganga ntibabizi rwose. Batanga izina runaka, ariko ngira ngo barahimba gusa kugirango batange, bo—bo ntibari bazi icyo ari cyo. Kandi, ariko Kristo azi icyo ari cyo. Nshobora kubabwira icyo ari cyo, ni satani, ni byo, satani. Ni irihe zina bashaka kumuha, kubera iki, ibyo birabareba. Ariko dore ibyo ari byo, murareba, ni umwuka mubi. Noneho reka, twese hamwe, nonaha turirimbire rimwe, *Izere gusa*, abantu bose baririmbe cyane, nonaha.

> Izere gusa, izere gusa,
> Ibintu byose birashoboka, wizere gusa;
> Izere gusa, Izere gusa,
> Ibintu byose birashoboka, gusa . . .

2 Uwiteka agiye kugukiza, mushiki wanjye. Reka dusengere uyu mukobwa nonaha mu gihe twunamishije imitwe yacu.

3 Data wa twese wo mu Ijuru, bisa nk'aho ntashobora kubikura mu bitekerezo byanjye. Uyu mwana w'umukobwa, urimo gusamba, ni umukundwa wa runaka. Ni ikiremwa cyawe, none Satani arashaka kumwambura ubuzima bwe. Ndasenze mw'Izina rya Kristo kugirango Uhagarike ikiganza cy'urupfu, wirukane uwo mwanzi. Wowe, Mwami, ushobora gutuma inyanja Itukura ikikiza impande zombi, igaha Abisiraheli, Umurage wabo, urugendo rutekanye rwambuka inyanja bakagera mu gihugu cyasezeranijwe. Mana, turasenga uyu munsi kugirango usubize inyuma inzitizi zose ureke uyu mwana abeho. Twahawe gusaba. Kandi, nk'itsinda ry'abantu bakwizera, turasaba mu Izina rya Yesu gukira k'uyu mwana. Amina.

4 Uyu munsi mfite umutima ushimira ko no—Nongeye kuza iwawe mu Izina ry'Umwami Yesu. Ndaje mu rugo kare gato mvuye muri Louisiana. Tekereza wenda iyo nza hano mbere yo kucyumweru nashoboraga kubana n'ishuri ryo ku cyumweru. Noneho ikirere cyari gishyushye cyane aho, natwe . . . ku buryo iki gitondo kituguye neza, gifite amafu ukigereranije n'icy'i Louisiana. Ntabwo wakwicara mu nyubako nk'iyi utifashishije akamashini kazana umuyaga, muri Louisiana, igikoresho kizana akayaga naho ubundi mwacika intege bitewe n'ubushyuhe.

5 Kandi rero ndaje kugirango mbone ikiruhuko cy'umunsi umwe-cyangwa-ibiri mbere yo kuva ino, nerekeza mu majyaruguru ya Saskatchewan, mu cyumweru gitaha, kandi ibyo biri kuri Prince Albert. Ni ibyo uko umuhanda ugenda ugera kw'isi uhereye ku rundi ruhande rw'isi. Wambukiranya isi yose

nta yindi mihanda, ntakindi uretse Abahinde n'Abesikimo ni bo batuye iyo ntara y'aho tuzajya kuri ubu. Dufite abantu benshi bazitabira muri iyo nama baturutse muri Kanada. Bamwe muri bo bazaza kuvoma baturutse ku Mupaka w'Iburengerazuba, bavuga ko bazaza. Kandi rwose ndifuzaga amasengesho yanyu mwebwe abantu, kugirango Imana idusange kandi iduhe ibirenze, iteraniro ry'abantu benshi, rikomeye kubw'Icyubahiro Cye. Hari hashize imyaka ine cyangwa itanu kuva ndi muri Kanada. Kandi mfite inshuti zubashywe nyazo, abantu beza cyane.

6 Kandi rero ni abizerwa cyane bajya ku rusengero. N'ubwo haba hakonje gute, bifubika ikiringiti hanyuma bakicara mu kamodoka kagenda mu rubura, cyangwa bagatwara ifarashi ibirometero mirongo itatu, kugirango bagere ku rusengero. Bazagendagenda kuri shelegi n'ibindi byose, abato n'abakuru. Bose bishyira hamwe. Maze umuryango umwe ugashaka undi bagatangira kugenda, nuko bakagenda. Ni—ni igitambo batanga ni cyo kibatera kubona byinshi mu murimo. Iyo nta gitambo, nta bintu byinshi cyane bishobora gukorwa. Ugomba rwose kumanuka ugakora ikintu kibabaza by'ukuri, ugomba gushyira ku ruhande ibintu bimwe na bimwe ugahagarika akazi, kandi ugakora *iki* cyangwa *kiriya*, kugirango ubone kujya mu rusengero no kwereka Imana ko uyikunda, kandi iyo ugiye uba utanze igitambo, ubwo rero ni bwo ugira icyo ukuramo.

7 Ni nk'aho ari urwenya rwanjye. Billy Paul, Natekereje ko nza...Ntacyo nabonye igihe nari nkiri umwana muto. Mama yakundaga kuba afite nk'ipaki imwe ya bombo noneho akazitugabanya, buri wese akamuha bombo imwe cyangwa ebyiri. Wenda kuri Noheri twashoboraga guhabwa igikinisho by'ihembe rito cyangwa cy'imbunda ntoya, cyangwa ikindi kintu. Kandi nabonye abandi bana bafite udutebe two kugenderamo n'amagare n'ibindi bintu, imyenda myiza n'amakoti y'imbeho. Kandi njyewe—njyewe, ibyo byarambabazaga cyane, naravuze nti: "Nindamuka mbyaye abana banjye bwite, Nzabakorera ibyo nshobonye byose." Ni byiza, ninshaka nzicwe n'inzara ariko mbone ibyo mpa abana banjye. Kandi igihe nabaga...Igihe Billy yari akiri umuhungu muto, namuguriraga igare ry'abana ry'amapine atatu, kandi namuhaga ibintu byose. Kandi na Meda yakoraga uko ashoboye, akigomwa imyenda ye n'ibindi bintu, kugirango agire icyo amuha. Ariko uzi icyo dutangiye kubona? Namuhaye igare rito, n'umuheto n'umwambi muto, n'ibind bintu byose. Nasangaga afite i—ikiyiko cyangwa inkoni, ari hanze aho, acukura ahantu. Urabona? Naravuze nti: "Ibizakurikiraho ntibizamera gutya." Urabona? Ushyikiriza ikintu buri muntu uwo ari we wese mu biganza, ariko ntacyakire. Ni ikintu uba ugomba kwigomwa!

8 Kandi iyo ni yo nzira y'agakiza. N'igitambo gishyitse. Ni mwene Data Roy. Ni—ni igitambo ugomba gutanga buri munsi,

ikintu runaka cyo ku—kwegera Imana no kugira icyo ukora. Kandi nzi ko ari igitambo kuri wowe muri iki gitondo, kwicara mu bushyuhe bw'iyi nyubako. Uko twicaye hano, reka dukomeze ibitekerezo byacu ku Gitambo gikomeye abantu bigeze bahabwa gukora, uwo yari Yesu Kristo igihe yasabwaga kuza ku isi gupfa mu cyimbo cyacu. Ntabwo ari byo gusa, ahubwo roho Ye yamanutse ikuzimu kandi ihamara iminsi itatu n'amajoro atatu, ku munsi wa gatatu Arazuka, none yazamutse ahirengeye, yicaye iburyo bw'Imana, mw'Ijuru, atwingingira ashingiye ku kwatura kwacu no ku gitambo Cye cy'impongano ndetse no ku buntu Bwe twagiriwe.

9 Noneho mu majyaruguru . . . iyo ruguru aho tujya, hazaba hari abantu benshi, bakennye cyane, abakene nyabo, bagomba kugurisha imwe mu nka zabo, ebyiri cyangwa eshatu n'intama zabo, cyangwa ikindi, kugirango babone uko baza mu materaniro. Umusaza w'umu Esikimo birashoboka ko azazana zimwe mu mpu ze akazigurisha, ni byo yari akeneye rwose gusohoka, n'umuryango we. Umucuruzi w'Umuhinde nawe agomba kubikora atyo. Noneho, dushobora nibura gusengera abo bantu, si byo? Kandi turasenga ngo Imana ibahe ikintu gikomeye.

10 Noneho, harashyushye, sinshaka kubagumana igihe kirekire. Kandi nashakaga ko muri iki gitondo dutunganya ibitekerezo byacu, mbere yuko dusengera abarwayi, duhange amaso kuri iyi nyigisho *Itorero n'imiterere yaryo*. Kandi, ubu, ndumva mu minsi mike ishize narahawe Ubutumwa bw'Itorero i Shreveport, Louisiana, kandi ni—Nizera ko ari imiterere y'itorero. Tugiye guhagarara imbere yo mu maso h'Imana muri iki gitondo, maze dusenge dusabe Imana idufashe. Tutagamije gufata inzira imwe, ahubwo dusaba Imana ngo idufashe muri iki gihe turimo. Kandi mbere gato . . . Iyi ni Bibiliya nini ishaje cyane, ariko muri yo hashyizwemo iby'Ubugingo Buhoraho.

11 Kandi mwibuke, Ijambo ni Imana, Imana ntabwo irenze Ijambo ryayo. Kandi ntiturenze ijambo ryacu, kandi niba dukora . . . Birumvikana, ubu, wowe na njye mu buryo butandukanye . . . kumva, twembi dushoboye—dushoboye kuvuga tuti: "Yooo, nzakora ikintu runaka," ni ukuvuga ko mu mitima yacu, ariko hari ibintu binyuranye bishobora kuvuka byatuma tudashobora—tudashobora gukora ibyo twavuze ko tuzakora. Ariko Imana yo ntishobora kubikora, kuko itagira iherezo kandi Izi byose, kandi ikintu cyose cyahozeho, kizaba, cyangwa . . . Rero, ntishobora gutangaza ikintu itazi neza ko izagishyigikira.

12 Kandi Aburahamu, igihe yari afite imyaka ijana, yahamagaye ibintu bitari bisanzwe bibaho, nk'aho byari biriho. Noneho ibi mbivuze nk'aho ari uguhumuriza no gusubizamo intege aba bagiye gusengerwa, abarwayi. Aburahamu yahamagaye ibintu bitari bisanzwe bibaho, nk'aho byari biriho,

yamenye ko Yo Yari yatanze isezerano ibasha no kurisohoza, cyangwa, kugumana n'ibyo Yari yarasezeranijwe. Noneho, igihe Imana yabwiraga Aburahamu, afite imyaka mirongo itanda . . . mirongo irindwi n'itanu, na Sara yari afite imyaka mirongo itandatu n'itanu, ko bagiye kubyara, kubera iki, kuri bose ntibyashobokaga. Kandi ibyo yarabyizeye, yashakishije kubona umwana, abifata nk'aho yaba ariho, mu myaka makumyabiri n'itanu mbere yuko umwana aza. Kandi Aburahamu yari afite imyaka ijana igihe umwana yavukaga, naho Sara yari afite mirongo cyenda, kuko we Yamwizeraga. Kandi yise ibintu bitariho, nkaho biriho.

13 Noneho, ibyo bireba abarwayi nababababaye kugirango basengerwe. Nubwo ikibazo cyawe cyaba kimeze gite, waba uri he . . . waba ufite indwara imeze gute, n'ubwo waba urembye ute, iyo wemeye Kristo, Ijambo rye, icyo gihe ubona ibintu biriho, nkaho bitariho, iyo binyuranye n'Ijambo ry'Imana. Noneho, Imana yaravuze iti: "Isengesho ryo kwizera ni ryo rikiza umurwayi." Ni byiza, niba Imana yarabivuze, icyo kirakemutse. Noneho reka dushyire mu bwenge, ibyiringiro, kandi twizera ko byamaze gukorwa. Ibyo birangira gusa iyo tubyizeye.

14 Agakiza ni inzira imwe gusa. Turabyizera, turabyemera, tubyemere mu mitima yacu, tujye imbere y'Imana kandi twemere Kristo nk'umukiza wacu, kandi We umwemere. Niba uri hano muri iki gitondo, uri umunyabyaha, udakijijwe, ukaba ushaka gukira indwara, urarwaye, banza ushake Uwiteka. Umwemere nk'Umukiza wawe, noneho iyo ndwara irakira. Igihe icyo ari cyo cyose, shyira ibitekerezo byawe byose (ku bintu byose ufite) ku Muntu ukomeye, Kristo Yesu, ibindi byose bizaba byiza.

15 Noneho rero komeza ibitekerezo byawe kuri ibyo, kuberako navuze aya magambo make ku barwayi n'ababababaye, none rero ngiye kuvuga muri iki gitondo ku itorero n'imiterere yaryo. Kubera ko numvaga ko n'ubwo gukiza indwara kw'Imana ari igitangaza, ariko ubwo nari muri Shreveport, nari mfite imirimo yo gukiza abarwayi igera kuri kuri itatu gusa mu gihe nari hepfo aho, itatu, cyangwa wenda ine, irengaho, mu minsi cumi n'umwe. Ni ngombwa cyane kubwiriza ubugingo bw'abantu kuruta gushyira umwanya munini mu gukiza indwara guturuka ku Mana. Nubwo, abantu barwaye kandi batishoboye, Imana ishobora kubakiza. Kandi bimaze kumenyekana ku isi hose ko, Imana ibikora. Ariko ikintu nyamukuru, ubungubu, ni ubugingo butazigera bupfa. Umubiri uzapfa. Ariko ubugingo bwo ntibuzigera bupfa, kandi tugomba gukomeza iyo nzira igororotse y'Imana.

16 Nakunze kubivuga. Ndashaka ko ibintu byose bikorwa, kuko iyo manutse ku mugezi mu gitondo, simba nshaka ikimbuza amahoro aho ngaho. Ndashaka kugira itike yanjye mu ntoki, ntegereje izina ryanjye. Ndashaka kuvuga, nka Pawulo wa kera, mwene Data Creech ati: "Ndamuzi mu mbaraga z'umuzuko

We." Ko nampamagara mu bapfuye, nzasohoka . . . Ndashaka kumumenya mu bubasha bw'izuka Rye.

17 Noneho rero, Niwe Mwanditsi w'Igitabo, reka tumwunamishe imitwe n'imitima yacu ku Bwe akanya gato.

18 Kandi, Mana, Data wa twese, tuje kuri wowe nonaha, kugirango dusabe ko wadufungurira Ijambo ryawe. Dushobora gusubiza inyuma impapuro, ariko Umwuka Wera wenyine ni we ushobora gufungura Ijambo. Ridufungurire rero muri iki gitondo, Data, kandi uduhe ku bwinshi ubuntu bwawe. Turagutegereje. Kandi Umwuka Wera yinjire mu Ijambo, kandi aritange rigere ku mitima y'abantu rinyuze mu kanwa k'abantu, kandi arifate arishyire mu mitima yose nk'uko turikeneye. Kandi iyo amateraniro arangiye, tuba twiteguye gusubira imuhira iwacu, tugezeyo turaza kwicisha bugufi twunamishije imitwe yacu kandi tugushimire tunaguhimbaze, ku byo twize byose kuri Wowe n'ibyo Wadukoreye. Mw'Izina rya Kristo turabisabye. Amina.

19 Gusoma Ijambo, hejuru muri Mutagatifu. Yohani, igice cya 1, wowe ufite Bibiliya kandi wifuza gusoma hamwe nanjye cyangwa gushyira akamenyetso ahari ibyanditswe tugiye gusoma. Kandi tugiye gusoma ibyanditswe mu Ijambo, hanyuma mureke dusenge, kandi ko Umwuka Wera araza kugira ibyo akura mu Ijambo kugirango abiduhe. Dushobora kubisoma, twe abashobora gusoma dushobora kubisoma, ariko Imana yonyine ni yo ishobora kuzana ibivugwamo. Inyandiko ishobora gusomwa, kubera ko ari Ijambo Rye, ariko rero i—ibivugwamo bigomba gutangwa n'Imana. Noneho, muri Mutagatifu. Yohani, igice cya 1, noneho duhere ku murongo wa 28 hanyuma dusome kugeza ku wa 32, nawo urimo.

> *Ibyo byabereye . . . ? . . . hakurya ya Yorodani, aho Yohana yabatirizaga.*
>
> *. . . bukeye bwaho Yohana abona Yesu aje aho ari, aravuga ngo, Nguyu umwana w'Intama w'Imana, ukuraho ibyaha by'abari mw'isi.*
>
> Kandi *uyu ni we navuze nti, Inyuma yanjye hazaza umugabo unduta ubukuru kuko yahozeho ntarabaho.*
>
> *Icyakora sinari muzi ariko* we . . . *ariko kugira ngo . . .* yerekwe *abisiraheri, ni cyo cyatumye* nza *mbatirisha amazi.*
>
> *. . . Yohana arahamya ngo, nabonye Umwuka amanuka ava mu ijuru asa n'inuma, atinda kuri we.*

Ndashaka kongera kubisoma, uwo murongo wa nyuma, umurongo wa 32.

> *Kandi Yohana arahamya, avuga ati, nabonye umwuka amanuka ava mu ijuru asa n'inuma, atinda kuri we.*

20 Uyu mwanya Uwiteka yongere imigisha kw'Ijambo Rye. Ndashaka ko mugerageza gu—gufata ijambo ryose niba mubishoboye. Mushobora kunyumva neza aho inyuma? Ni byiza, hariya inyuma murashobora kunyumva? Niba mubishoboye, muzamure ibiganza byanyu. Ibyo ni byiza.

21 Noneho, nashakaga kuvugana namwe muri iki gitondo—ku mugani, ku buryo bumwe bw'uko n'u—umuntu utagira aho ateranira uri hano yashobora kubyumva. Noneho, tuza mu rusengero kugirango twinezeze twebwe ubwacu. Tuje kwigira abantu bamerewe neza kurushaho, Abakristo batunganye, abenegihugu beza, ababyeyi b'abagabo beza, ababyeyi b'abagore beza, abaturanyi beza. Tuza kuko Kristo yatubwiye ngo tuze, tumusabe ikintu icyo ari cyo cyose mw'Izina Rye, aho duteraniye turi nka babiri cyangwa batatu, Agomba kuba ari kumwe natwe akabiduha. Noneho, ibishobora kuba bikiriho, bitubere byiza kurushaho uyu munsi kuruta kumenya ko turi mw'itorero kugirango twigire beza twebwe ubwacu, twagure imyumvire yacu? Ni bangahe bavuga bati: "Ni byo ndi hano ku bw'ibyo?" Reka turebe. "Nda—ndashaka gusobanukirwa neza." Kandi ntidushobora—ntidushobora kugira imyumvire keretse niba ari. . .Niba kandi tugiye kugira ubusobanuro bw'Imana, bugomba guturuka mw'Ijambo ry'Imana, erega Ijambo ni ryo Imana yaduhaye kugaburira roho zacu zishonje. Kandi Umwuka Wera yoherejwe gufata Ijambo ry'Imana no kutugaburira akoresheje Ijambo. Urabibona? Reba, twebwe tu. . .Umwuka Wera yoherejwe n'Imana, gufata Ijambo ry'Imana no kuriduha nk'uko turikeneye. Noneho, ndishimye cyane kuba Imana yatanze gahunda nk'iyo. Wowe si ko bimeze? Ko Agomba kutugaburira.

22 Turi intama zo mu rwuri Rwe. Tugiye kubivugaho muri make, intama. Kandi tugizwe n'ibice bitatu by'imibereho ya Kimana, kandi iyo Ishobora kutugiraho ubugenzuzi bwuzuye Ishobora kutuyobora no kutwereka inzira.

23 Noneho, byashimishije Imana cyane, igihe yoherezaga Yesu kw'isi, byaramunejeje kwigaragaza ari itungo, kandi iryo tungo ryari umwana w'intama. Dusubiye inyuma mu ntangiriro, mu busitani bwa Edeni, mw'ishushanya ry'ukuza kwa Yesu, Imana yatanze igitambo, cyangwa se yari ifite umwana w'intama ngo abe umusimbura w'ituro ryashushanyaga ukuza kwa Kristo. Noneho, nakunze kwibaza impamvu iyo Mana yashushanya Kristo nk'itungo, nk'inyamaswa. Ariko twaje kumenya ko Ntama, impamvu Yahisemo umwana w'intama, umwana w'intama uriyoroshya kandi ukagwa neza cyane kurusha ibiremwa byose biri kw'isi. Nta kintu na kimwe kiyoroshya kandi kigwa neza kirenze umwana w'intama muto, ni umwere cyane, ntabwo wakwirwanaho. Ni—ntabwo ari umwibone. Ni ikiremwa gito kigwa neza kandi cyiyoroshya. Kandi igihe Imana yari igiye kwerekana Kristo kw'isi, yamugaragaje mw'ishusho

y'intama.

24 Noneho, ariko igihe Imana, Imana Data, Yehova, yari igiye kwigaragaza Yo ubwayo iturutse mw'Ijuru, Yigaragaje mu bwiyoroshye, mu kwicisha bugufi kw'ikiguruka kurusha ibiremwa byose biguruka mu kirerere, iyo ni inuma. Nta nyoni yiyoroshya kurusha inuma. Nakoze ubushakashatsi butandukanye ku buzima bw'inyoni no ku buzima bwo mw'ishyamba, inuma ni nyoni idasanzwe cyane mu zindi nyoni zose ziguruka mu kirere. Inuma ni u—u—u—umukunzi. Inuma iratuje. Kandi inuma ntigira indurwe, ni yo yonyine mu muryango w'inyoni itagira indurwe. Ni yo mpamvu utazigera ubona inuma ahantu aho ari ho hose uretse aho impeke ziri. Noneho, i . . .

25 Mu nkuge, harimo inuma. Inuma igaragara ahantu henshi muri Bibiliya. Ni ikigereranyo cy'Umwuka Wera. Kandi nabwo umwana w'intama ugaragara ahantu henshi muri Bibiliya, nka Kristo, mu Byahishuwe, inzira zose zigaruka ku Itangiriro, kandi ubwo ni inuma.

26 Kandi mu gitabo cy'Intangiriro, inuma yari iri mu nkuge, yicaye ku rutanda hamwe na—hamwe n'ibindi bisiga bisigaye byo mu kirere; kandi kimwe muri byo cyari igikona, ikiyoni. Kandi igikona ni imwe mu nyoni zisobanutse ziriho, igikona n'indi nyoni bita jaybird, ndakeka, byerekeranye n'inyoni mbi cyane dushobora kubona. Igikona ni inyoni irama igihe kirekire cyane, kandi ibaho (biravugwa) kuko, rimwe na rimwe, imyaka magana abiri cyangwa magana atatu, igikona kimara . . . inyoni yitwa Peroke ni yo irama kukirusha.

27 Ariko inuma ni inyamaswa imwe cyangwa inyoni imwe itagira indurwe. Noneho, igikona gishoboraga kwicara hano kikarya ku murambo wapfuye. Ntuzigera ubona inuma ikikije iyo ntumbi yapfuye. Ntishobora kubyihanganira. Umunuko wayo mu mazuru, ntishobora kuwihanganira. Byayitera uburwayi. Gusa ntizishobora kwihanganira ikintu cyose gishenguka, kibora. Ntizishobora kubyihanganira, ntishobora rero kubirya. Inuma iramutse ibiriye, byahita biyica, kuberako icyoroshya igogora ry'ibiryo wariye ni ukwisuka kw'indurwe mu gifu bityo bikoroshya igogora ry'ibiryo. Niba kandi nta ndurwe igiyemo kugirango ibyoroshye, icyo gihe byakwica. Uzahora rero usanga inuma hirya no hino iri ahantu hari ikintu gisukuye, ikintu cyiza.

28 Noneho, igikona cyo kiratandukanye. Noneho, ni mwitegereze igikona ni urugero rw'indyarya. Igikona gishobora kwicara ahantu hari i—intumbi yapfuye kikarya uko gishaka, hanyuma kikagaruka neza mu murima kurya ingano. Ariko inuma ntishobora kurya ingano hanyuma ngo iguruke hejuru y'intumbi yapfuye.

29 Rero, indyarya, umuntu ashobora kuba indyarya akarya ibintu by'umwuka, ibintu byiza, akongera akarya n'ibibi. Ariko umukristo wavutse ubwa kabiri ntashobora kwihanganira ibintu bitari byiza, kandi arya gusa ku bintu byiza. Reba nawe! Iyo ubonye mugenzi wawe ashobora kujya kubyina, gusohoka no kunywa, gusohoka no kubaho mu byaha, hanyuma akagaruka mu rusengero kandi wenda agasakuza cyane nk'abera, icyo ni iki? Ni ukiranirwa, ashobora kurya ibintu biboze n'ibintu byiza. Ariko umukristo nyawe ntashobora kwihanganira ibyo bintu, kuko yavuye mu rupfu akajya mu bugingo. Kandi ako kanya byari kumwamagana, umunyabitekerezo nk'ibyo, kugeza ubwo bitumye acirwaho iteka maze agahindura icyerekezo agakomeza. Yooo, mbega ishusho!

30 Noneho, umwana w'intama ni umugwaneza muto cyane. Ntashobora, ntacyo yabasha kwifasha we ubwe. Ntacyo yakwimarira, kuko atabasha kwifasha we ubwe. Hano igihe kimwe cyashize nanyuze mu rwuri mu gihe nakoraga irondo, mpasanga umwana w'intama muto, kandi abandi bose bari barigendeye bamusiga aho gutyo, kandi yari yagize ubwoba yafatiwe mu gihuru cy'amahwa. Kandi umutindi muto yari yiryamiye aho, avirirana kandi ahebeba. Nuko ndamwegera maze mbona inzira yo haruguru, nko muri kilometero imwe haruguru, hari ubushyo bw'intama. Noneho, iyo aza kuguma aryamye ahongaho inkongoro ziba zaramunogoyemo amaso ako kanya iyo tutaza kumukura mu gihuru. Ariko nafashe uwo mugenzi wanjye muto, ndamuterura mutwara mu maboko. Ntiyigeze yanga. Yariturije rwose. Ndamuterura mutwara mu maboko yanjye. Ubwa mbere—ubwa mbere, ahari, ikiremwa muntu cyari cyitaramukozaho amaboko, ariko yariturije. Yari yiteguye kuyoborwa. Yari yiteguye gufashwa. Nizere ko mubibona. Yari afite ubushake bwo kutagerageza kunanirana cyangwa guhunga, cyangwa kurumana. Abagazi b'intama ntibahunga, ntibarumana; bicisha bugufi gusa. Uyu musore muto, naramuteruye mushyira mu zindi ntama. Mu minota mike nyina yaramubonye, mbega ukuntu yanezerewe! Noneho, mbega ukuntu ibi ari ikigereranyo cya Ntama w'Imana!

31 Urabizi, aho bagiye kwica intama, uzi icyayobora intama kugera aho bayicira, ni ihene. Ariko ihene izayobora intama hejuru y'icyuma mu nzu y'ibagiro, hanyuma, mu gihe gusa ibonye intama igeze ku cyuma, ubwo izahita isimbuka yiruke. Ariko, yewe, baravuga, iyo bagiye kwica ihene, ihita itumura ivumbi. Urabona?

32 Kandi ubwo ni bwo buryo satani azakoramo. Azagerageza kuyobora abana b'Imana mu buryo bubi, ariko iyo igihe cye cyo gupfa kigeze, rwose atangiza umuyaga ubwo. Ni bwo buryo satani abikoramo. Kandi iyo ni yo nzira ye rimwe na rimwe, umukobwa muto usa-neza cyangwa umuhungu muto usobanutse, ufite ipaki y'itabi cyangwa icupa rya wisiki,

yayobora umukobwa muto, umwana w'intama w'umukumbi, akamugeza ku bibi. "Yego, ni byiza. Nta kintu na kimwe azi mu bintu byiza-byiza byerekeranye n'itorero." Ariko reka urupfu rukubite uriya mwana ukuze rimwe gusa, umwumva ataka, azenguruka igihugu cyose. Kandi ubwo ni bwo buryo satani abikoramo.

33 Ariko umwana w'intama aritonda cyane, ku buryo ashobora kuyoborwa. Kandi ni yo mpamvu yatumye Imana igaragaza Kristo nk'Intama, kandi nayo ubwayo ikigaragaza nk'Inuma. Umunsi Yohana yabatije Yesu ku ruzi rwa Yorodani, kimwe mu bintu bikomeye byigeze kubaho, byabereye aho ngaho. Murebe ukuntu ari byiza! Umwana w'Intama, witonda cyane mu biremwa byose byo ku isi, hamwe n'Inuma, yoroheje mu nyoni zose zo mu Ijuru. Noneho, ubwo ni bwo buryo bwonyine bashoboraga guhuriza hamwe. Ni yo nzira yonyine Inuma yari kunyuramo iza ku Ntama. Noneho, Inuma imaze kumanuka, Yohana yabonye Yesu, maze aravuga ati: "Dore umwana w'Intama w'Imana, ukuraho ibyaha by'abari mw'isi." Kandi Yohana aravuga ati: "Nanditse inyandiko, mbona Umwuka w'Imana usa nk'Inuma umanuka, kandi uguma kuri We." Haleluya! Murahari. Inuma n'Intama byishyize hamwe. Ni bwo Imana n'Umuntu babaye umwe. Ni bwo Ijuru n'isi byahoberanye. Haleluya! Ni bwo Imana yahinduwe umubiri, irazanwa, ni bwo Imana yamanutse ivuye mu buryo bw' Umwuka nuko yigira Umuntu maze itura muri twe. Ni bwo Iteka ryose ryahoberanye. Ni bwo ubwoko bwaguye bw'abantu ba Adamu na Yehova Imana na buri malayika wese bateraniye hamwe, igihe Imana n'abantu bahinduwe umwe, kuri uwo munsi ukomeye wo kwibuka igihe Yohana yabatizaga Yesu.

Noneho, byari kugenda bite iyo baza kuba impyisi? Inuma n'ukuguguza kwayo kwiza ntiyari gushobora kuza guhagarara ku mpyisi.

34 Ni iki cyiza kiruta nimugoroba kumva inuma z'intungura zikuze zicaye hanze aho hanyuma zikaguguza umwanya muto? Nyuma yo kubura umugore wanjye n'umwana . . . Ntabwo nemeye ko hagira umenya icyo nakoze. Nakundaga kwinjira mu modoka yanjye ishaje, nkayitwara nambuka umuhanda hano, ngahinguka hano ku mva ya Walnut Ridge, nkicara hariya ku ruhande rw'igiti ndeba hasi ku mva. Gusa sinashoboraga kubireka. Byasaga nk'aho ntagishoboye kubyihanganira ukundi. Ntekereza ko, umwana wanjye muto, aryamyeyo, hashize amezi umunani. Ukuntu yakundaga gufata utuboko twe maze akanyegera, nuko nkavuza ihoni cyangwa nkagira icyo mubwira, nawe akagira ngo "goo-goo," ari kunkozaho utuganza twe. Kandi nicaraga iruhande rw'igiti, cyane cyane iyo bwababaga bwije. Kandi wasangaga hari ho inuma ikuze yakundaga kwicara hirya mu gihuru, ikajya iguguza. Yooo, Mana yanjye! Nigeze kwibaza niba ari bwo bugingo budapfa bw'umwana

wanjye bugarutse kugerageza kumvugisha. Nta kintu kiryoshye kuruta uko kuguguza kw'inuma. Ukuntu igira urukundo! Izana inkuru. Mbega ukuntu igerageza gushaka amahoro! Ibyuka kare mu gitondo, igasohoka mu gihuru hafi y'aho ntuye, mbega ukuntu ari iby'amahoro kubyumva! Zicaye kuri ibyo biti binini birebire, izo numa ziguguzanya imwe ku yindi.

35 Ejobundi, hariya hepfo kwa mwene Data Cox's, inuma ikuze yaturaze udushwi tubiri duto. Nuko bayubakira hejuru y'inyubako, kugirango injangwe itazashobora kutubona. nuko iyo numa ishaje ikajya itugaburira. Noneho yaragurukaga ikamanuka ikatwitegereza bigatuma duhaguruka mu giti, kandi twicaraga hariya kwegeranyije amajosi kamwe ku kandi, tukaguguza dufitanye urukundo, umunsi wose, inuma ebyiri ntoya, zituje.

36 Kandi natekereje uburyo Imana, (inuma ni inyoni igira urukundo) n'Inuma, Imana, ishaka gukundana n'abantu Bayo. Imana ishaka gukundwa. Imana ishaka kugukunda. "Imana yakunze isi cyane, yatanze Umwana wayo w'ikinege, kugira ngo umuntu wese umwizera atarimbuka, ahubwo ahabwe Ubugingo buhoraho." Uwiteka ahimbazwe! Noneho Imana, ishaka gukundana, yagombaga kuri bamwe. . .gukora ikintu cy'urukundo. Yagombaga gukora ikintu cyoroheje nka Yo. Yagombaga gukora ikintu gishobora gukundwa. Yagombaga gukora ikintu cya Kamere Yayo Bwite.

37 Ntushobora gukunda ikintu kitari muri kamere yawe. Gukunda bigomba guhuza n'urukundo. Umugabo n'umugore bagomba gukundana, niba bashaka kunesha. Umuryango ugomba gukundana, niba bifuza kunesha. Ikintu cyo gukundwa! Ushakisha ahantu hose, wasanga umukobwa wakubera umugore ukunda. Arashakisha, ashaka kubona umugabo ashobora gukunda.

38 Imana irashakisha, igerageza gushaka ubugingo Ishobora gukunda. Noneho, Yigaragaje Ubwayo hano ku isi nk'Inuma yoroheje n'Itama yitonda. Iyo iriya Ntama mu munota umwe iza gufata imiterere y'impyisi ihuma, iyo numa iba yarahafashe ikigurukira akokanya, yari kwigendera.

39 Ariko—u—u—umwana w'intama, ntabwo afite ubwenge bukomeye bwe ku giti cye. Umwana w'intama ni ikindi kintu kimwe, iyo atakaye, atakaza n'icyizere. Intama ntishobora kwigarura mu nzira yayo. Ni yo mpamvu ihene iyiganisha ku rupfu rwayo. Ntishobora kwibonera inzira, intama yazimiye. Ni yo mpamvu Imana yatugereranije n'intama. Iyo twazimiye, turazimira. Nta kuntu dushobora kwigarura twebwe ubwacu. Kandi hariho inzira imwe yonyine yo kubikora, ni ko bimeze, kwiyegurira Umwungeri w'umukumbi, maze akatuyobora.

40 Noneho, nk'uko mbona uyu mwana w'Intama n'intama biri hamwe. . .nako, umwana w'Intama n'Inuma, biri hamwe,

bihinduka kimwe. Noneho reba uburyo Inuma yayoboye umwana w’Intama, Umwana w’Imana. Ukuntu yari yitonze, azi ko agiye mw’ibagiro. Ukuntu Yari yitonze, kutagerageza buri gihe kugira icyo yikorera We ubwe, kutagerageza kuba uwihagije. Yaravuze ati: “Ntacyo nakora cyeretse Data abanje kukinyereka mbere, kandi Data atuye muri Njye.”

41 Noneho, ikindi kintu umwana w’intama ari cyo, umwana w’intama wiyemeza guhara uburenganzira bwawo. Noneho, Imana ishaka ko tuba abana b’intama, ariko hariho inshuro nyinshi tudashaka gutanga uburenganzira bwacu, gutakaza uburenganzira bwacu. Rero benshi muri mwe muravuga muti: “Ni byiza, nabonye uburenganzira, mwene Data Branham.” Ibyo ni ukuri, ariko se urashaka gutakaza uburenganzira bwawe? Witeguye gutanga uburenganzira bwawe, kugirango Imana ikuyobore? Ni cyo kibazo cy’amatorero yacu uyu munsi, muri benshi, ubwo ni ubwitonzi bw’umwana w’Intama w’Imana. . . Tugomba kuba abana b’intama, twahindutse ibindi bintu byose uretse intama. Kandi ni yo mpamvu, mu gihe tumaze kubona iyo myifatire, Inuma y’Umwuka Wera ifata ikirere ikigurukira.

42 Iyaba umwana w’intama w’Imana yaba yarabanje guhuma nk’impyisi, cyangwa yaba yarakoze ikintu cyose kinyuranye n’icyo Inuma yitonda yaba yemeye, Inuma yaba yarifatiye ikirere ikigurukira. Yaba yarigendeye mu munota umwe.

43 Kandi ni yo mpamvu uyu munsi turimo kwibaza tuti: “Itorero rya Pantekote rifite ikihe kibazo?” Ni ukubera ko twafashe imiterere itandukanye. Twafashe kamere ko, “Turashaka uburenganzira bwacu. Tugiye gukora ibyo tuzi ko ari byiza gukora.” Maze tugahinduka abirasi. Duhinduka abanzi. Duhinduka ba ntibindeba. Twatumye umujinya winjira. Tureka kwikunda kurinjira.

44 Umwagazi w’intama, igihe iyo kigeze. . .Amera ubwoya bwe bwite, ubwo ni uburenganzira bwe. Amera ubwoya bwe, ariko bafata umwana w’intama bamujugunya hejuru y’urutare, bahambira ibirenge bye. Ntiyigera atera imigeri, ntajya ahungabana. Umwambura uburenganzira bwe ako kanya, kuko ari umwana w’intama. Nta kindi kintu ushobora gukora, kuko iyo ari yo kamere yawo. Ariko igihe kimwe azambukiranya inzira ya Gikristo, uzamenya niba ari umwana w’intama cyangwa ari ihene. Uzamenya icyo ari cyo, umutambukeho inshuro imwe. Kandi ni yo mpamvu uyu munsi amatorero yacu ariho muri ubwo buryo.

45 Twiyise umwana w’intama w’Imana. Abagore n’abagabo, hamwe, batangiye gukora ibintu byose uretse nk’intama z’Imana. Urababona bamanuka mu muhanda, bambaye impenure, bakase imisatsi, imisatsi yabo yose izingazinze. Kandi mu myaka mike ishize, urahamagara. . .wowe, bo. . . ntushobora kuba warabahaye akazi ngo bagakore. Noneho

ukibaza impamvu itorero ribayeho muri iyo mibereho. Ni ukubera ko wafashe kamere y'impyisi cyangwa ihene, aho gukomeza ubwitonzi no gutuza cyane. maze ukavuga uti: "Ayo ni yo mahirwe yanjye, mwene Data Branham." Nzi ko ari amahirwe yawe. "Abogoshi bakata umusatsi. Kandi mu gihe cyose umwogoshi azakata umusatsi, mba ntarabona uburenganzira?" Ni byo, ayo ni amahirwe yawe y'Abanyamerika. Ariko se wiyemeje kubireka, ukaba umwana w'intama? Ese wiyemeje kwitanga wowe ubwawe?

46 Namwe bagore, ntabwo ari kera, mwagendaga mu muhanda. . . Biteye isoni kubona uburyo abagore bambara muri iki gihe. Kandi simvuze ku Baperesipiteriyani cyangwa Abametodisiti, Ndavuga mwebwe abagore bezejwe. Mumanuke mu muhanda, kandi ni . . .

47 Nari mfite umusaraba muto umanitse imbere y'imodoka yanjye, umuntu arambwira, ati: "Billy, uzi ko icyo ari ikirango cya Gatolika?"

48 Naravuze nti: "Ni ryari Abanyagatolika bakoze amahitamo y'umusaraba?" Ntibibaho! Icyo ntabwo ari ikirango cy'ukwemera kwa Gatolika; icyo ni ikirango cy'ukwemera kwa Gigikristo. Ukwemera kwa Gatolika ni umutagatifu muto wapfuye, wa Mariya cyangwa—cyangwa umuntu wapfuye basenga. Ntabwo turamya abantu bapfuye. Ntabwo turamya Mutagatifu Cecilia n'abo bera bose batandukanye. Iyo ni imyizerere ya Gatolika, ari bwo buryo buhanitse bwo kwambaza abazimu. Ariko umusaraba ugaragaza We Uwapfuye akongera akazuka.

49 Nuko ndavuga nti: "Ndawugumisha aho, nkareba mu muhanda. Imyaka 25 irashize, cyangwa mirongo itatu, ubwo nari nk'impumyi, Nasezeranije Imana ko ninkiza amaso yanjye nzareba ku kintu gitunganye." Maze ndavuga nti: "Ahantu hose ureba, ntabwo hejejwe, Abagore bambaye impenure, n'abagore bambaye ubusa bagaramye mu mbuga n'ahantu hose. Ndeba k'umusaraba aho kureba (maze nkibuka ibyo Kristo yankoreye, nuko ngahindukiza umutwe wanjye) ku bintu bya satani." Haleluya!

50 Kandi abo ni abantu. . . Ntukavuge ko ari ibya "Abaperesibiteriyani, Abagatolika," ni iby'Abapenekositi! Amina. Uravuga uti: "Nabonye uburenganzira nanjye, mwene Data Branham." Ibyo ni byo, ariko iyo uza kuba wari umwana w'intama, wari gutakaza uburenganzira bwawe. Kandi iyo ugiye ukora gutyo, Umwuka Wera, Inuma yiyoroheje, yifatira ikirere ikigurukira. Ntazinuba ku bwawe. Oya, oya, oya. Ntushobora gutekereza ko ugiye gukora gutyo ngo ugumane Umwuka Wera. Ntushobora kubikora! Bibiliya yarabivuze. Ugomba gutakaza i . . . Rero, navuga ko, "Abagore basigaye barabikora."

51 Namwe bagabo, mwe b'abakene, bato, mutagira amagufa akomeye, ibintu bisebeje, mwebwe, mwebwe mwemerera abagore banyu gukora ibintu nk'ibyo, ibyo byerekana ibyo muri byo. Ni yo mpamvu mudahabwa Umwuka Wera nk'uko muhamya ko muwufite, cyangwa wagombaga kugira Ikintu gihagije kuri wowe kugirango akore nk'umugore igihe cyose yabanaga nawe, uko yishakiye. Amina. Ibyo byumvikana nk'imyambarire ya kera, gukata. Ariko ibyo ni byo itorero rikeneye uyu munsi, ni imyambarire ya kera, Umwuka Wera arayimesa, maze akayanika ikuma, hanyuma akayitera ipasi, akoresheje Umwuka Wera. Ni byo!

52 Mbega ukuntu isi yabyinjiyemo! Ukuntu basohoka bakajya mu muhanda bagakomeza! Ni gute washyira umutwe wawe muri televiziyo kuwa gatatu nijoro, maze ntujye ku rusengero! Ni gute wowe. . . Kubera iki, ariko nta mwana uri mu gihugu. . . utazi David Crockett uwo ari we. Hamwe n'icyo kinyoma cyanduye, kivuga ko yishe idubu afite imyaka itatu, uzi ko ibyo ari ibinyoma, ariko ukareka abana bawe bakagira umutwe upakiyemo ibintu nk'ibyo. Kandi mu bantu ijana nta n'umwe kw'ijana wigeze amenya ikintu na kimwe kuri Yesu Kristo. Ni ukubera ko iyi si yanduye cyane! Iri shyanga, risekeje kandi riri kure y'Imana, ryanze Umwuka Wera.

53 Yoo, wavuga uti: "Njya mu rusengero ngasakuza." Ushobora kubikora. Ariko, kugeza ubwo umwana w'Intama w'Imana utuje atuye mu mutima wawe, maze akeza ubugingo bwawe ugakora nk'undi muntu utandukanye, Ntacyo bizakumarira kwiyitirira Ubukristo. Ugomba kubugira. Amina.

54 Nta gihe gishize nagiye mu nzu hano, gusura umugabo urwaye, aho hari umugore wari wicaye, arambije. Nuko umusaza muto Oswald arinjira, ingofero yayihengekeye ku ruhande rw'umutwe we, aravuga ati: "Mammy, ifunguro ryatunganye?"

55 Yaravuze ati: "Mukundwa, ntabwo twabonye umwanya," ati: "muri iki gitondo, kugirango dufate ifunguro iryo ari ryo ryose." Aravuga ati: "Ndaguteguririra agasanduwici," ati: "hari n'amacunga."

56 Yaragiye afata ishami ry'icunga, araryitegereza, ararikubita, Yarihunguriye hasi n'imbaraga ze zose, umutobe umeneka hasi, Aravuga ati: "Niba ibyo ari byo byonyine wabonye aha hantu, noneho ndisohokera," nk'uko.

57 Naratekereje nti: "Yooo Mana, iyo aza kuba uwanjye mu minota igera kuri itanu!" Musore, Nari kumukuraho uruhu nk'uko we atigeze arukurwaho! Ariko bo bari baryamye aho, bateye ishozi n'imbabazi. Icyo akeneye ni umwambaro w'uruhu rwiza ruhisha ubwambure. Ibyo ni byo dukeneye, ya mazu ya kera na none, n'ababwiriza bamwe bazahagarara inyuma y'igicaniro bakabwiriza bigisha Ukuri, hanyuma

bakagukwirakwiza aho gukwiriye gukwirakwizwa. Amina. Uko ni ukuri. Yooo, mbega!

58 Mariya mutoya atera akaguru hejuru, hanyuma akazamura amazuru ye maze akazunguza iminwa ye yasize amarangi y'ibara rya roza (ku bw'ibikoresho bya Max Factor) akayizamura mu kirere, nuko azamura umutwe muto hanyuma arasohohoka ava mu nzu. Mbega ibintu biteye ishozi! Mbega ukuntu abana batumvira bameze! Bibiliya yavuze ko ari ko bazamera. Ibyanditswe bivuga ko ari ko bigomba kumera. Uburyo bari gukora, uburyo bari kubigenza, n'ibintu bibera kw'isi muri iki gihe, ni ukubera ko birukanye Umwuka Wera.

59 Mu myaka mike ishize. Ndagiye ubu, mu minsi mike, kwizihiza kumanuka kwa mbere kw'Umwuka Wera muri Amerika, hashize imyaka mirongo itanu uyu mwaka, mu nama ya kera ya Azusa Street, inama ya Penekositi i Los Angeles, aho bamanukiwe bwa mbere n'Umwuka Wera, igihe abantu bateranaga. Igihe Kristo yamanukiraga muri abo bantu, bari bafite ubwitonzi, amahoro. Babayeho mu buzima bwo mu Mana. Babayeho ubuzima bw'ibitambo. Bari biyemeje kwitanga. Bari biyemeje kuyoborwa n'Umwuka Wera. Ntabwo bari bitaye kubyo abantu bavuga, bari "aba-kera," n'ubwo bavuga ko ari "abasazi" cyangwa ibindi nk'ibyo, bari biyemeje kuyoborwa n'Umwuka Wera.

60 Ariko, uyu munsi, yewe, njye, hamwe n'ipuderi yo kwisiga iri mu gakarito, hamwe n'amakabutura abili agerekeranye, aho hose ku muhanda, kubera iki, biteye isoni! Kandi bahamagara ubwabo, "hamwe n'Umwuka Wera." Yego, uravuga uti: "Ariko navuze mu ndimi." Ni byo, na satani arabikora. "Yooo, Navugije induru." Ibyo satani nawe arabikora. Umwuka mubi ashobora kwigana ibintu byose Imana ifite, uretse gusa urukundo, ntashobora kwigana urukundo. Yego.

61 Noneho, ikintu cya mbere uzi, ubwo watangiraga gukora ibyo bintu, waretse inzitizi, watangiye wumvikana, noneho itorero ritangira kugira amatsinda amato n'udutsiko duto, muri bo, nuko n'uyu nawe ati: "Urabizi, ibya pasiteri *uyu-n-'uyu* gusa," cyangwa "ibya umudiyakoni *uyu-n-'uyu*." Kandi, ikintu cya mbere uzi, ni uko wabiteze amatwi! Kandi ni yo mpamvu twagize ibibazo byinshi, ni ukubera ko watangiye kumvira satani, hanyuma ukabona gutontoma gusa aho kumvira Inuma ituje, Umwuka Wera, Inuma y'Imana yagutegeka kandi ikakuyobora, ikagukunda kandi ikaguha umugisha.

62 Ubwa mbere iyo ufite zimwe muri iyo mitsi mitoya y'uburakari, Inuma irigurukira ako kanya. Ni byo. Ntishobora kubyihanganira. Kamere yayo iratandukanye. Yego, Ntishobora kubyihanganira na gato. Kandi iyo ujya kuvuga kubyerekeye umuturanyi wawe, Ntishobora kubyihanganira ibyo ngibyo, Ntabwo izabyihanganira. Ihita yifatira ikirere maze ikigurukira.

ntishobora kwihangana na hato. Inuma iritonda. Inuma ni ingwaneza, n'inuma, ka—kandi Ntishobora guhagarara ku busa keretse hari icyo bihuje kamere.

63 Noneho, Imana ishobora kukugira ufite kamere itandukanye, umugabo cyangwa umugore, ishobora kuguha indi kamere itandukanye. Kandi uravuga uti: "Ni byiza, mwene Data Branham, twabikoraho iki?" Cyeretse gusa guhinduka umwana w'intama. Ni inyamanswa ebyiri gusa zihora zihuriza hamwe, iyo ni inuma n'umwana w'intama. Inuma ntizaza ku kindi kintu cyose keretse gusa ku mwana w'intama. Niba kandi wahindutse ihene, ubwo ni wikureho uwo mwuka w'ihene wa kera. Ni byo. Niba warahindutse ikindi kintu runaka, bishyire kure yawe, niba utangiye guhinduka uwishushanya.

64 Hano igihe kimwe, nabwirije nkuko nashoboye kubwiriza mu mujyi runaka, kandi hariyo abantu ibihumbi iyo ngiyo. Nahamagaye abantu ku gicaniro. Natekereje ko nakemuye ikibazo cyose cy'icyaha, nakemuye ibintu byose nashoboraga gutekerezaho. Muri iryo joro nyuma y'umurimo urangiye, umugore muto cyane w'igishongore yanyuze iruhande, aravuga ati: "Ni byiza, Mwene Data Branham, Nzi neza ko nishimiye ko utankozeho iri joro."

Naratekereje nti: "uwo ashobora kuba ari umukristo nyawe." Aravuga ati: "Ntabwo wankozeho iri joro."

65 Ndavuga nti: "Ni byiza, Nishimiye rwose kubyumva, madamu, ugomba kuba uri hafi y'Ubwami bw'Imana." Nuko ahita yigendera.

66 Bamwe mu bakecuru bageze mu za bukuru bari bahagaze aho. Ndavuga nti: "Ndavuga ngo, ese muzi uriya mugore?"

"Yego."

Ndavuga nti: "Agomba kuba ari umukristo nyawe."

67 Bati: "Hari kintu kimwe wananiwe gukubita uyu mugoroba, mwene Data Branham, ibyo byari amazimwe. Ni we munyamazimwe wa mbere mu gihugu." Uri hano urahari, ni byo, urareba.

68 Ariko iyo ugarutse kuri kimwe muri ibyo bintu, nta kibazo niba umubwiriza yakubise ku ruhimbi cyangwa se oya, iyo ubonye ibyo bintu bya kamere y'isi, mu gihe cyose ukabikikira, uba uri kure y'Imana, kandi Umwuka Wera azakugendera kure. Ni yo mpamvu inama zitameze nkuko zagombaga kuba. Ni yo mpamvu yatumye inzira y'umukungugu itavukiye mu rusengero muri iki gitondo. Ni yo mpamvu amateraniro akomeye yo mu ihema atagaragara mu gihugu, ni ukubera ko twirukanye Inuma ituje y'Imana. Ni byo. Ntizagumana natwe mu gihe cyose tutitaye ku bantu, mu gihe cyose tukijyana urugambo, "Turashaka inzira zacu!"

69 Noneho, ndashaka ko ubibona, umwana w'Intama yari umwana w'Intama ucecetse. Bibiliya iravuga iti: "Ntiyafungure akanwa. Kimwe n'intama imbere y'uyikemura ubwoya, yaricecekeye." Ntiyabumbuye akanwa ke. Ntabwo yari mugenzi we ngo amusabe uburenganzira bwe. Oya, mugenzi, yari yiteguye gutakaza uburenganzira bwe. Yari umwana w'Intama utuje.

70 Ariko, uyu munsi, yewe, njyewe, mbega uko dushaka ibidutandukanya! Yoo, mbega! "Ndakubwiye, urareka umuntu akagira icyo ambwira, nzamwegera maze musange mubwire nti, muhungu, nzamushyira ku ruhande." "Nzabwira iyo ndyarya ikuze ninyibona! Uzategereza gusa kugeza nyibonye! Imana Ishimwe, haleluya! Yewe-yewe!" Inuma ifata ikirere gusa ikigurukira. Ni byo neza. Umwuka Wera ntaba akiri kumwe nawe na gato, igihe cyose ubyumva utyo. Gusa mugire aho mubyandika mu ikaye yanyu, Ntabwo izigera ibikora. Umwuka Wera ntajya aguma hafi y'aho umwuka nk'uwo uri. Igomba kuba umwuka w'intama, umwuka w'ubwitonzi, cyangwa ntuzagumana na yo, uwo ni wo uyirimo; niba idafite ubwitonzi, ubwiyoroshye, buyobowe n'Umwuka Wera. Niba kandi hari ikintu runaka kibaye, nta n'ubwo ikibona, irikomereza. Murabona? N'umunota wonyine ihindukira ireba ku ruhande, murabizi, ni byo rwose . . . iyo muhindukiye.

71 Urabizi, icyaha cya mbere cyatangiranye n'umuntu wahindukiye akareba ku ruhande umunota umwe gusa. Mwari mubizi? Bibiliya yarabivuze. Eva yahindukiye akanya gato, kugirango yumve icyo Satani yashakaga kuvuga, nuko amwishushanyaho ishusho nziza kugeza ubwo icyo gihe yibwiye ko ari Ukuri. Maze amutega amatwi.

72 Kandi ikintu cyonyine satani ashaka ko ukora, ni uko uhindukira gato ukareba ku ruhande mu minota mike. Ashobora gushushanya ishusho, akavuga ati: "Noneho, reba hano. Urabizi, mwene Data, urabizi, mushiki wanjye, iyo baza kuba ubwoko bwiza, ntibari gukora *ibi*. Niba barakoreye *ibi* hariya, urabizi." Ashobora kubikwemeza kugeza aho bikubereye ukuri. Ibyo ni byo! Ariko wibuke, ni satani!

73 Ntacyo bintwaye uko bisuzuguje kose, uko bijanditse mu cyaha kose, ni ahanyu kubafata ku bitugu maze mukabahagurutsa ku bw'urukundo rw'Imana. Wari urihe mu gihe Inuma y'Imana yagusigaga mw'isayo? Ibyo birakureba, nshuti yanjye. Iyi si irimo kwicwa n'urukundo ruke. I . . .

74 Ndashaka ko witegereza iyi nyamaswa, nayo, iyi nyamaswa nto, yari umwana w'intama ucecetse kuko ntabwo . . . igihe Yatukwaga, Ntiyigeze abasubiza. Ntiyigeze atukana ndetse ntiyabitinzeho, ntiyabyitayeho kandi ntibyakomeje kumurakaza, We ntiyabikoze. Iyo umuntu . . . Igihe Yatukwaga, We ntiyigeze abasubiza. Ntiyafunguye umunwa We.

75 Ariko se wareka umuntu akagira icyo agukorera cyangwa njye, yewe, aha, turatogota nk'igikeri cyamize amasasu, tukabyimbya amatama nk'i—nk'imbata ishaje. "Ngiye kukubwira nonaha, ntazongera kunkandagira ku birenge ukundi, sinzongera gusubira muri iryo torero rishaje. Oya, mugenzi wanjye! Imana ishimwe! Aleluya! Abanazareti bazanyakira, Abo mu bimukira bakiranuka bazantwara. Aleluya. Sinzongera kubikora ukundi." Ni byo, Inuma iraguruka.

76 "Wari ubizi? Niba iriya ndyarya ishaje igiye muri ririya torero, ntabwo nzongera gusubirayo. Imana ihabwe icyubahiro, sinzongera kubikora!" Iyo icyo kintu kigukubise, iyo mpyisi ishaje igahuma, Inuma ifata ikirere ikaguruka n'amababa Yayo. Ni byo. Noneho Umwuka Wera ukagenda.

77 Noneho wibaze ikikubayeho. Uribaza ikibazo cy'itorero. Uribaza ikikubayeho. Kuki utabonye intsinzi nk'uko wayibonaga? Wahinduye kamere yawe. Wabaye ihene aho kuba umwana w'intama. Wabaye ikindi kintu kitari umwana w'intama.

78 Ugomba kubona uwo Mwuka nyawo woroheje, "Reka Umwuka Wera anyobore ahantu hose. Mana, nkunda abanyabyaha bose, aho baba bari hose." Ubwo bwoko bw'ahantu bwinjira mu mutima w'umuntu, noneho ugiye kubona ikintu kibaho, roho yawe.

79 Uravuga uti: "Ni byiza, mwene Data Branham, hari igisubizo cyacyo?" Yego, gusa ube umwana w'intama, ni ibyo gusa. Uravuga uti: "Ni byo, mwene Data Branham!"

80 Nijoro nahuye n'umugore ukiri muto, hepfo aho muri Shreveport. Jye na Billy twari dusohotse tugiye aho hantu kugura umugati nyuma y'amateraniro. Umugore mwiza ukiri muto arinjira, birashoboka ko yari akiri umukobwa, cyangwa afite nk'imyaka makumyabiri cyangwa ikindi kintu nk'icyo, yari yambaye neza. Yaricaye. Mbona akomeje kurangaguza amaso aho hantu. Njye nakomeje kwirira. Mu minota mike umugore umwe arinjira. Aravuga ati: "Umeze ute?" Ndamuvugisha. Kandi uwo mugore ndamuzi ni Mushiki wacu Davis wari uri aho. Nuko we n'undi mugore wo mu rusengero rwa Life Tabernacle, Njye nari mbazi neza, araza aramvugisha, nuko arikomereza. Hanyuma wa mugore muto wari wicaye aho imbere, aravuga ati: "Mwene Data Branham, buriya bwari Ubutumwa bwiza muri iri joro."

81 Naravuze nti: "Umeze ute, mushiki wanjye?" Naravuze nti: "Urakoze cyane." Ndongera ndavuga nti: "Waba uri umunyamuryango wo mu rusengero rwa Life Tabernacle?"

82 Yaravuze ati: "Ndi we." Yaravuze ati: "Urabizi, mwene Data Branham, nashoboraga kuririmba muri korari, ariko hariya bajya batubuza ibintu bimwe na bimwe." Yaravuze

ati: "Nagize, yooo, imyaka myinshi ntoza ijwi, n'ibindi byose." Ati: "Naririmbye ijwi rya solo kandi naririmbye ibintu bimwe na bimwe." Ati: "Ariko njyewe—sinashoboraga kuririmba, kuko bafite—bafite imiziro y'uko 'nta mugore wisize amarangi ushobora kuririmba—kuririmba muri korari.'"

Naravuze nti: "Ni byiza, Imana ishimwe ku bwa Life Tabernacle!"

83 Yaravuze ati: "Ni byiza, ndakubwiye, mwene Data Branham," yaravuze ati: "Ndi Umukristo."

84 Naravuze nti: "Noneho, mushiki wanjye, taha ujye mu rugo maze ukarabe mu maso, cyangwa n'ikindi cyose wakora." Naravuze nti: "Urashaka kumbwira ko wareka ako kantu gato ko kwisiga ibyo bintu bishaje mu maso yawe . . . "

85 Kandi nshobora kukwereka ko ibyo biva kuri satani. Nshobora kukwereka ko nta kintu kiri muri . . . Inkomoko yabyo yari mu bapagani. Kandi igihe cyose ubyisiga, ni ikimenyetso cy'ubupagani. Noneho, ndagarutse mvuye muri Afrika, kandi nabaye mu mashyamba ya Hottentot nsanga neza neza aho amaherena, aho ibyo bintu byose byaturutse, n'ibi byose, imitako myinshi izengurutse amajosi n'amatwi yanyu n'ibintu byose, aho biva. Ni mu bapagani. Kandi Bibiliya ntishaka ko Umukristo aba umupagani. Kandi ntimushaka . . . Simvuze ko uri umupagani kuko ubikora, ariko wowe ubwawe urigaragaza nk'aho uri we. Ni ukubera ko pasiteri wawe atakubwiye Ukuri. Bibiliya yarabivuze.

86 Noneho uravuze uti: "Mwene Data Branham, ngira ngo niba mfite umusatsi mugufi, bimpa akayaga n'ibintu byose nk'ibyo." Ni byo, ariko uramutse ubonye umusatsi muremure wabona akayaga kurushaho. Bizagukuraho ibyo wambaye byose mw'ijosi, hanyuma biveho risigare ritunganye.

87 Kubera iki, uzi icyo Bibiliya yavuze? Ibyo, umugabo afite uburenganzira bwo kwirukana umugore we no gutandukana na we aramutse akase umusatsi. Niba akase umusatsi, byerekana ko abayeho mu buryo butari ukuri. Bibiliya yarabivuze, Abakorinto ba mbere 12, turebe niba atari byo. We u . . . Umugore wogoshe umusatsi asuzuguza umutwe we, ari we mugabo we. Niba kandi yisuzuguje, agomba gutandukana n'umugabo akigendera. Ni byo. Ariko, reba, pasiteri ntiyigera ababwira ibyo bintu. Ni yo mpamvu ituma mukora ibintu nk'ibyo. Kandi—na wa mugabo, Bibiliya ivuga . . .

88 Hano ntabwo hashize igihe kinini hari umuntu wanditse maze aravuga ati: "Mwene Data Branham, a—aya mashati aba bagore bafite," ati: "kubera iki, ni nka . . . ntibizoroha kongera kubona amashati ukundi, kandi byaba byiza twebwe abagore b'Abakristu kwambara iyo imyenda yoroshye, ya nilo, cyangwa n'iyindi nk'iyo?"

89 Naravuze nti: "Reba, mushiki wanjye, hari ikintu cyerekeranye n'ibyo. Dore ikintu kimwe cy'ukuri. Ushobora gukora ibi: niba udashobora kugura imwe, bagurisha imashini zidoda, ushobora kwidodera imwe." Naravuze nti: "Ni byo. Kugirango igaragare nka . . ." Ndizera . . . Urabizi, ibiri mu mutima wawe ni byo bigaragara inyuma. Uburyo ukora n'uburyo witwara, byerekana ibiri muri wowe.

90 Iyo ni yo mpamvu aba bose hano bashwana, bakagira umururumba, bakitotomba, kandi—kandi bagasebanya, kandi ibyo bintu bikomeza gukwirakwira hirya no hino mu itorero, ibyo ni byo bisenya itorero. Ibyo byerekana ko satani yabinjiyemo, kandi byerekana ko nta Mwuka Wera ukibarimo. Noneho, nzi ko ibyo ari ukwatsa umuriro gusa kuri bamwe muri mwe, ariko bigomba kuba bihagije. Tugomba! icyo ni cyo bivugirwa; kutaba umunyabwenge, kudakora neza; ariko kugirango mbabwire aho ibibazo biri, umunsi umwe ngomba guhagarara ngatanga igisubizo kuri mwebwe. Kandi impamvu nyamukuru y'uburyo ukora n'uburyo ugaragaza ibikorwa, byerekana icyo uri cyo. Niba ugifite imico ya kera igiye gutumuka mu kanya gato, none rero ugiye gusohoka hano maze ukomeze, cyangwa se kunegurana, cyangwa ibindi biteye isoni n'indi myanda nk'iyo, ibyo bigaragaza aho ituruka.

91 Noneho hari ikintu kimwe gusa cyo gukora, kuraho icyo kintu, maze Inuma ibone kugaruka mu mutima wawe. Ubwo inuma yasohokaga mu nkuge, yaragarutse. Ariko yaragarutse, ikomanga ku rugi rw'inkuge kugeza ubwo Nowa ayinjirije. [Mwene Data Branham akomanze ku ruhimbi—Ubwanditsi.] Umwuka Wera ari hano. Umwuka Wera arashaka kwinjira. Ni yo mpamvu uyu munsi, uwo Mwuka Wera, We ntiyakuvuyeho rwose. Ni ukwicara hanze gusa ku mashami y'ibiti ahantu runaka, yiteguye kuguruka Yonyine kandi ikaza muri wowe, nyine ikaguha urukundo n'amahoro n'ibyishimo nkuko wahoze. Ni byo, ni ko bimeze. Yiteguye kubikora. Arashaka kubikora. Arifuza cyane kubikora. Ariko ntushaka kumwemerera kubikora!

92 Noneho, ntabwo mvugana namwe ntazi. Sinzi icyo pasiteri wanyu . . . Ndimo kuvugana n'urusengero rwa Branham. Ntabwo ndimo kuvugana namwe abantu bo mu yandi matorero. Ndimo kuvugana n'abo mu Rusengero rwa Branham. Ni cyo kibazo kiri hano.

93 Ni byo bituma Inuma ifata ikirere ikigurukira. Rero reka hagire umuntu utangira akantu gato hafi y'itorero, nuko ikintu cya mbere, "Yooo, ni byo? Yooo, yarabikoze . . .? Ntabwo ari ko ubitekereza?" Ako kanya Umwuka Wera aragenda, akigurukira. Gusa ntishobora kwihanganira uwo mwuka. Igihe cyose iyo miterere y'intama ikuvuyemo, noneho Umwuka Wera aba yagiye. Ni byo. Kandi ni cyo kibazo muri iki gihe. Ni yo mpamvu abantu babayeho mu buryo barimo, ni ukubera ko bareka

umwuka mubi ukinjira mu mitima yabo, mu buzima bwabo. Noneho ni yo mpamvu twabonye . . .

94 Bibiliya yavuze ko ari yo mpamvu hariho abarwayi benshi kandi bababaye muri twe, ni ukubera ibintu nk'ibi. Tugomba kwitonda. Tugomba kuba abanyamahoro. Tugomba kuba umwana w'intama, kugirango Inuma ikunde ibane natwe.

95 Noneho, ibuka, Inuma izaza. Yaravuze ati: "Yooo, mwene Data Branham, ntumbwire ko ntigeze nakira Umwuka Wera. Haleluya! Hepfo aho, hari ijoro rimwe, yooo, ubwo yinjiraga, nashoboraga kugenda gusa . . ." Ni ukuri, uwo yari We! "Yooo, numvaga ari mwiza cyane, numvaga nshobora kuvana buri nyoni nto yose mu giti nkayihobera nkayikunda. Umuntu wanjye wese undwanya wigeze ankorera ikintu icyo ari cyo cyose, numvaga nshobora kubashyira ukuboko ku bitugu maze nkabahobera. Yooo, mwene Data Branham, mbega ukuntu numvaga meze!" Ni byo, uwo yari Umwuka Wera.

96 Ariko, urabona, impamvu adashobora kugumaho. Icyo gihe wari umwana w'intama; ariko umaze guhinduka impyisi, Yagombaga gufata ikirere Akigurukira. Nta kibi na kimwe ha—hamwe ni—n'Inuma; ni wowe, na . . . waretse uwo mwuka uza kuri wowe. "Nabiretse, mwene Data Branham?" Yego, mu gihe wagiye kumva ayo mazimwe, mu gihe gutega amatwi icyo kinyoma, mu gihe wagiye kuvuga uti: "Ni byiza, mfite uburenganzira kuri iki!"

97 Ntabwo ufite uburenganzira! Waguzwe igiciro, cyari igiciro cy'Amaraso y'agaciro y'Umwana w'Imana. Nta burenganzira busesuye ufite. Haleluya! Uburenganzira bwonyine ufite, ni, ukuza ku Isoko yuzuye Amaraso yavuye mu Mitsi ya Emanweli, iyo abanyabyaha bibijwe mu mwuzure, bahanagurwaho ikosa ryabo ryose. Yego mugenzi. Ubwo ni bwo burenganzira bwonyine ufite, ni ukwegurira ubushake bwawe, ku Mana, hanyuma Imana igatangira kukuyobora kuva uwo mwanya. Ni byo bituma habaho amanama . . . Ni byo bitera ibintu byinshi bidasanzwe. Umwuka Wera azajya ahantu, Umwuka Wera aravuga ati: "Ntabwo ari byo. Hagarika inama, ujye hariya." Nzayihagarika, kandi, mwene Data, tambuka ujye ku bindi. Ni byo, kuko ugomba kuyoborwa n'Umwuka w'Imana. Kandi inzira yonyine yo kuyoborwa n'Umwuka w'Imana, ni ukugumana ubwitonzi, kutigira bamenya.

98 "Oh," uratekereza uti: "Nzi byinshi." Yego, ubona urimo gukoresha ubwonko bwawe bwose kugeza igihe butagishoboye gukora bwonyine. Uzi ibitabo byose n'ibisubizo byose, hamwe n'ikigereki cyose n'igiheburayo cyose, kandi ntushobora kubona umwanya Inuma yahagararaho. Ni byo. Ariko uzi byose, noneho Inuma ntishobora kukuyobora, 'kuberako uzi byinshi.

99 Umwana w'intama ntuvuga ko hari icyo uzi. Ugomba kugira undi muntu uwuyobora. Icyubahiro kibe icy'Imana! Ni byo. Nta

cyo nzi! Amina. Icyo nzi gusa, ni uko, Kristo Yesu yapfuye kugirango ankize.

100 Hepfo unyuze muri Califoruniya hari umusore wahazaga, afite icyapa imbere ye, kivuga kiti: "Ndi umusazi wa Kristo," noneho ku rundi ruhande rw'inyuma havuga hati: "Wowe uri umusazi wa nde?" Ni byo. Ba umuswa, ku isi, kugira ngo uyoborwe n'Umwuka Wera, Kubera ko abahungu n'abakobwa b'Imana bayoborwa n'Umwuka Wera. Abaroma 8:1, haravuga hati: "Ubu rero nta gucirwaho iteka ku bari muri Kristo Yesu, batagendera ku by'umubiri, ahubwo kuby'Umwuka," batagenda bakurikiza iby'impyisi, ahubwo bakurikiza iby'Inuma. Amina.

101 Doc yakundaga kuririmba indirimbo igira iti: "Uzuza inzira yanjye urukundo buri munsi, nk'uko ngendana n'Inuma yo mw'Ijuru; reka ngende igihe cyose n'indirimbo no kumwenyura, kuzuza inzira yanjye urukundo buri munsi." Mbega umunsi w'amahoro uzaba ku Rusengero rwa Branham, cyangwa se irindi torero iryo ari ryo ryose cyangwa umuntu ku giti cye, igihe bazatakaza uburenganzira bwabo, kugirango babe umwana w'intama.

"Ikibazo ni ikihe, mwene Data Branham?"

102 Garuka ku mwana w'intama, garuka ube uwitonze, garuka ube utagira icyo azi, garuka ubwawe wiyegurire Kristo. Ntugerageze, ntugerageze kugira icyo umenya. Gusa ugende witonze, ucecetse, wicishije bugufi, utuje, Inuma izakuyobora. Ariko igihe cyose ubonye. . . ujya kumva ayo mazimwe, igihe cyose ugiye kugira ubwo burakari, igihe cyose ugiye gutekereza ko wabonye uburenganzira bwo gukora *ibi* no gukora *biriya*, Inuma ifata ikirere Cyayo ikigurukira. Noneho ntuzongere kuyibona ukundi. Noneho, ntabwo iri kure yawe cyane muri iki gitondo, torero. Yicaye hanze aha hejuru iri amahoro, itegereje ko kamere yawe ihinduka. Amina.

103 Icyo ukeneye uyu munsi ni ugutanga uburenganzira bwawe bwose, ni ukureka Imana ikagushyira hasi maze ikogosha uburenganzira bwawe bwose. Amina. Ntushobora kwiyumvisha ukuntu umwana w'intama ukuze, bwose—ubwoya bwose bumuriho? Ubwo ni bwo burenganzira bwe. Yego. "*Tarara, tarara, tarara*." Yashyuhiranye, irambitse ku meza yo gukemurirwaho ubwoya. Bazi icyayibera cyiza. Bayambura uburenganzira bwayo bwose maze bakayogosha yose, igatangira kumva ubushyuhe bugabanuka noneho ikabona kwiruka. Yooo, yooo, irishima, igasimbuka kandi ifite ibihe byiza. Yego mugenzi. Niba uzatakaza uburenganzira bwawe, ibyo ni byo uzakira hanyuma. Ariko ugomba gutakaza uburenganzira bwawe ukareka Ijambo ry'Imana rikagukuramo iby'isi byose, rikagukuramo ingeso zose z'isi, hanyuma ugahinduka icyaremwe gishya muri Kristo.

104 Hano hashize igihe, muri Afrika, ubwo navuganaga n'umusaza wu—w'umukiranutsi ukuze. Yaravuze ati: "Mwene Data Branham, nzi ko wemera indengakamere."

Ndavuga nti: "Rwose, mwene Data."

105 Aravuga ati: "Mu myaka yashize nakundaga gutekereza ko ndi umuntu." Ati: "Natekerezaga ko mu by'ukuri ndi Umukristo." Arongera ati: "Noneho mu itorero ryacu... Nazamukaga agasozi, aho nahagarikaga imodoka yanjye nto." Ati: "Najyaga nzamuka umusozi hafi aho, yewe, metero magana atatu cyangwa magana ane ngo ugere yo, no kuzenguruka ibihuru n'ibindi, nkazamuka." Ati: "Twagiraga amateraniro yo gusengera aho haruguru." Ati: "Natekerezaga ko ndi Umukristo pe." Aravuga ati: "Nari nzi Bibiliya yose. Nize Igiheburayo cyose. Nize imvugo yose iboneye y'Amagambo." Ati: "Umuntu wese wanyegeraga, nahitaga" [mwene Data Branham ahonda urutoki rwe—Ubwanditsi.] "mvugana na we kuri Bibiliya. Nari nzi ibyo mvuga." Aravuga ati: "Umunsi umwe nijoro, nazamutse mu rusengero. Mu itorero ryacu hari habaye amakimbirane menshi." Ati: "Habayeho amatsinda y'abantu atari kumvikana. Muzi uko ibyo bigenda."

Ndavuga nti: "Yego Mugenzi."

106 Aravuga ati: "Mu nzira yanjye izamuka ku musozi, ni ho nagendaga, kandi ako kanya nahise menya ko hari umuntu uri kunkurikira." Maze aravuga ati: "Natekereje ko nagombaga kumutegereza gato uwo yari we wese, kugirango angereho, kandi twari kugenda tuganira umuhanda wose." Murabizi, ibyo ni ibintu byiza, mwe mutegereza gato gusa. Aravuga ati: "Nkizamuka umusozi," ati: "Ndaje. Umugabo azamuka umusozi," maze aravuga ati: "Yari afite umutwaro ku mugongo We wari munini kuruta uwo Mugabo." Maze aravuga ati: "Yari arimo aniha, adandabirana, kandi atera udutambwe duto, agerageza kwiha akabaraga. Maze ndavuga nti: 'Mugenzi wanjye, nshobora kukwakira uyu mutwaro nkawukugereza hejuru y'umusozi?' Aravuga ati: 'Oya, ndawugezayo.'" Ndavuga nti: "Nitegereje mu biganza bye," nti: "Nahise menya ko ryari iyerekwa. Yari afite inkovu mu biganza." Yaravuze ati: "Nituye hasi, ndavuga nti: 'Mwami, Wowe wikoreye ibyaha by'isi muri uwo mutwaro?' Yaravuze ati: 'Oya, ahubwo nikoreye ibyawe gusa. mbizamure ku musozi gusa, kugirango ubashe kuzamuka.'"

107 Uko ni ko bimeze. Turamutse turebye hirya no hino, twasanga Yikoreye ibyaha byacu. Ese ntibigutera kumva ko uri uworoheje? Umutima wacu mubi, w'ubugome, gusa kubera ko dushobora kubikora!

108 Hashize igihe gito nari ndimo guhiga hano. Nk'uko mubizi, nkunda guhiga. Kandi muri kiriya gihugu hari umusore mubi, yari umusore mubi. Kandi yakundaga kunegura kuko

ntashoboraga kurasa umwana w'impala. Naravuze nti: "Ni uguhubuka." Naravuze nti: "Kuki utaba nyakuri, umuhigi mwiza ngo urase impala zishaje n'ibindi bintu bishaje bigeze igihe cyo gupfa? Imana yaraziduhaye. Muzirekere amashashi yazo akiri mato n'ibintu . . ."

109 Yaravuze ati: "Mbese, uri umubwiriza, w'umutima-nk'uw'inkoko!" Komeza umbwire utyo.

110 Naravuze nti: "Noneho, reba, iyo nza kuba nshonje ngakenera iyo shashi y'impala, ndizera ko Imana yari kureka nkayifata. Ariko kuyirasa gusa kugirango ngaragare neza," iyo biza kuba byo, nari kuzuzuza ikamyo. Maze aragenda arayihamagara, ayihamagaza ubwoko bw'ifirimbi, kandi yashobora kuvuza iyo ifirimbi igasohora ijwi rimeze neza nk'iry'ishashi y'impala ihamagara. Umunsi umwe twari turi hamwe mu gihuru. Namukojeje isoni, ndavuga nti: "Naba nikojeje isoni njyewe ubwanjye." Aba yarishe amashashi y'impala umunani cyangwa icumi icyarimwe, iyo aza kubishobora, akabikora ndetse n'ibindi byose, kugirango yigaragaze neza gusa, birashoboka ko impala ntoya ayikatamo ibice bine akabitwara ibisigaye akabita aho. Naravuze nti: "Ntugomba kubikora."

"Yewe," aravuga ati: "mwebwe babwirizabutumwa mufite umutima- nk'uw'inkoko!"

111 Umunsi umwe, yasubiye mu gihuru, yari yafashe kw'ifirimbi maze arayivuza, kandi byumvikanye nk'impala ntoya isakuza. Mu gihe yasakuzaga, impala nziza y'ishashi iyikubita umugeri ku mutwe ishaka kuyikandagira. Ushobora kubona ikanuye amaso yayo y'ikigina. Yari yakutse umutima. Irangaguza amaso hirya no hino. Umuhigi aca bugufi, akuramo imbunda ye kugira ngo arase iyo mpala. Impala ibona umuhigi. Ariko, uzi ko, iyo nduru y'iyo mpala, ntiyari yabonye iyo mbunda. Yashakaga uwo mwana w'impala; wari uri mu bibazo. Urabizi, uko kwerekana ububyeyi nyabwo n'urukundo rwa kibyeyi, byatumye yegera iyo mbunda itega agahanga, kugirango aba ari yo ipfa, ireba mu kanwa k'iyo mbunda. Uzi ko, icyo cyerekezo cyari gishimishije, yari iyegereye cyane, ajugunya imbunda ye hasi! Yasubiye inyuma yiruka maze amfata mu maboko, arambwira ati: "Billy, nsengera, ibi ndabirambiwe!" Amaze kubona ibyo kwerekana ubutwari bwa nyina w'iyo mpala!

112 Yooo, iyo isi ibonye ukwerekana urukundo rw'Imana, hamwe n'ubutwari bwo mu mutima w'umuntu, ni irihe tandukaniro. Iyo turetse Inuma y'Imana ikaza mu mitima yacu ikaducisha bugufi, ikatugira abagwaneza.

113 Aho inyuma muri icyo gihuru, njyewe mpagaze hariya nasengeye uwo musore, mwegurira Umwami Yesu. Kuva icyo gihe, yabaye umuhigi mwiza, wejejwe.

114 Nta gushidikanya, yatekerezaga ko yari afite uburenganzira, yakoraga icyo ashaka. "Nazo mu mwanya wanjye, iyo zibishatse zirya ku mboga zanjye zitwa alfalfa."

115 Naravuze, "Ni byo, ariko kubikora ntabwo ari ubumuntu." Ugomba gutakaza uburenganzira bwawe. Yooo Mana, gira imbabazi, kugira ngo abe ari ko tubigenza.

116 Hano hashize igihe, yooo, yemwe, hashize imyaka igera kw'ijana, hari umukristo ukomeye wabaga mu majyepfo y'uburengerazuba bwa Leta Zunze Ubumwe. Yitwaga Daniel Curry, umuntu w'igitangaza, umuntu wubaha Imana, umuntu w'umukiranutsi, umukristo nyawe, umuntu abantu bose batekerezaga cyane, umuntu mwiza cyane. Nuko inkuru iragenda ivuga, ko yapfuye cyangwa yagiye muri koma, nuko aravuga ngo. . . nk'uko yazamutse mu Ijuru, byanze bikunze, ubwo yapfaga. Ageze ku marembo y'ijuru, umurinzi w'irembo aza ku muryango, maze aravuga ati: "Uri nde?"

117 Aravuga,"Ndi umuvugabutumwa, Daniel Curry, nahinduriye abantu ibihumbi n'ibihumbi kuri Kristo. None ndi. . . Ndifuza kuza muri iki gitondo. Urugendo rw'ubuzima bwanjye rwarangiye kw'isi, ubu ntahandi hantu mfite ho kujya."

118 Nuko ni ko bizakugendekera igitondo kimwe, wowe munyabyaha. Ni uko ni ko bizakugendekera, wowe usubira inyuma. Ni uko ni ko bizakugendekera wowe wababaje Umwuka Wera ukajya kure y'abandi, ukanga kugira ubwitonzi no kugira ubwuzu. Ntabwo uheruka kurira hashize imyaka. Ntagihe nzi wigeze uhinduka. Ukwiyoroshya byose byagiye kure yawe. Ni byo. Ariko igiye kuza ku rugi rwawe kimwe muri ibi bitondo. Kandi nk'uko Umwuka Wera atuje aza akomanga, kuki utamukingurira ngo yinjire?

119 Nuko rero ubwo Daniel Curry yageraga hariya ku—ku—ku marembo, baraje, maze baravuga bati: "Tugiye kureba niba izina ryawe ririmo hano." Bashakisha hose, ntibagira izina rye babona. Bati: "Oya, nta Daniel Curry urimo hano."

120 "Oh," aravuga ati: "rwose!" Ati: "Ndi umuvugabutumwa." aravuga ati: "Nahinduriye ubugingo bwinshi kuri Kristo." Ati: "Nagerageje gukora ikintu gikwiye."

121 Umurinzi aravuga ati: "Mugenzi, Mbabajwe no kubikubwira, ariko hano nta Daniel Curry urimo." Ati: "Ndaza kukubwira icyo ushobora gukora." Ati: "Nta burenganzira dufite hano bwo kwakira ikibazo cyawe." Aravuga ati: "None se urashaka kujuririra ikibazo cyawe? ushobora kujuririra Intebe y'Urubanza Yera, niba ubishaka." Ariko aravuga ati: "Hano twebwe ntidushobora kukugirira impuhwe, rwose, kuko tutagufite hano. Nta mbabazi kuri wowe." Ati: "Urashaka kujuririra ikibazo cyawe?"

Aravuga ati: "Nyakubahwa, ni iki kindi nakora kitari ukujuririra urubanza rwanjye?"

122 Aravuga ati: "Ni byiza rero, ushobora kujya ku Ntebe y'Urubanza Yera hanyuma ukajuririra urubanza rwawe."

123 Daniel Curry avuga ko yumvaga asa n'uri mu kirere mu gihe cy'isaha imwe. Avuga ko yageze ahantu, h'umucyo, h'umucyo, h'umucyo, h'umucyo. Avuga ko, uko yagendaga yegera imbere, ni ko harushagaho gucya. Byari inshuro ijana, inshuro ibihumbi byaka kurusha uko izuba ryigeze riva. Avuga ko yahindaga umushyitsi, yahindaga umushyitsi. Nuko aravuga, ageze hagati y'uwo Mucyo, yumvise Ijwi rivuga riti: "Wari utunganye ku isi?" Iryo jwi ryumvikanaga mu—Mucyo.

Aravuga ati: "Oya, ntabwo nari ntunganye," ahinda umushyitsi.

Ati: "Buri gihe wigeze ugerageza kuba inyangamugayo ku bantu bose?"

124 Ati: "Oya." (Aravuga ngo: "Ibintu bike ntabayeho inyangamugayo byahise biza mu bitekerezo byanjye.") Ati,"Oya, nda—nda—Ndakeka ko ntari inyangamugayo."

Ati: "Wavuze ukuri kuri buri kintu, mu buzima bwawe?"

125 Ati: "Oya. Ndibuka ibintu bimwe navuze, bitari ibyo kwizerwa . . . byo gushidikanyaho. Nda—nda—nda—Ntabwo nigeze mvugisha ukuri."

126 Ati: "Noneho se, wigeze ufata ikintu cyose kitari icyawe, ikintu cyose, nk'amafaranga, cyangwa ikindi kintu cyose kitari icyawe?"

127 Avuga ko yatekerezaga ko yari mwiza ku isi, ariko akaba aciriweho iteka. Ati: "Oya. Oya, Nafashe ibintu bitari ibyanjye."

Aravuga ati: "Noneho ntiwari utunganye." Undi ati: "Oya, ntabwo nari ntunganye."

128 Avuga ko yari ategereje umunota uwo ari wo wose muri uwo mucyo ukomeye kuva aho Inuma yari iruhukiye, "Gucirwaho iteka!" Ariko avuga, muri ako kanya yumva Ijwi rimuri inyuma, iryo ryari ryoroshye kuruta ijwi ry'umubyeyi uwo ari we wese yigeze yumva. Yavuze ko yahindukiye kureba. Maze abona isura nziza cyane atigeze kubona, iryoshye kuruta isura y'umubyeyi uwo ari we wese, yari ihagaze imbere ye. Maze aravuga ati: "Data, Daniel Curry yarankoreye kw'isi. Ni ukuri, ntabwo yari atunganye, ariko yahagaze ku ruhande rwanjye. Yahagaze ku ruhande rwa Njye ku isi, none ngiye guhagarara ku ruhande rwe mu Ijuru. Fata ibyaha bye byose ubinshyireho."

129 Ni nde uzahagarara ku ruhande rwawe urya munsi, mwene Data, niba umubabaje akanjya kure yawe uyu munsi? Gusa singishoboye gukomeza kubwiriza. Reka twunamishe imitwe yacu.

130 O Mana nziza, Ntama yatambwe, wowe, wicisha bugufi, wuje urukundo. Inyoni zari zifite ibyari, n'ingunzu zifite

intaho, ariko wowe Ntaho wagiraga ho kurambika umusaya, kandi, nyamara, uri Umwami w'Icyubahiro! Ubwo wavukaga, ntabwo bari bafite imyenda yo kukwambika. Mana, imyenda yanjye izaba imariye iki iyo ngiyo? Imodoka zanjye zimaze iki? Inzu nziza imariye iki? Ibyo byose bizamarira iki kuri wa munsi? Wariho utagira incuti; nta muntu n'umwe wagukundaga. Nta muntu n'umwe wasaga nkushaka kuguha ikiganza cyo kugufasha. Wavuze ko wari kuzavuga urya munsi ngo: "Nari nshonje, ntabwo wangaburiye. Nari nambaye ubusa, ntabwo wanyambitse." Ni iki cyiza tuzagaragaza uwo munsi, Mwami? Reka duhagarare ku ruhande rwawe, kugirango iyo saha nigera tuzagende tugere Imbere Yayo, ishobora byose, ibera hose icyarimwe, isho-. . . Mana, iyo twunvise iyo Numa, n'amababa Yayo ihagaze hariya muri uwo Mucyo w'igitangaza, Uwo uzamurika mu bihe byose Iteka ryose. Ubwo, Utuye mu mucyo!

131 "Iyo ngomba guhagarara aho jyenyine, mwene Data yagiye, pasiteri wanjye yagiye, mama yagiye, data yagiye, umugore wanjye yagiye, urwenya rwanjye rwashize, Mana wee, ngiye gukora iki noneho, Mwami? Icyo gihe ngiye gukora iki? Kandi ibyo bishobora kuba mbere y'uko izuba rirenga muri iri joro. Ariko ngiye gukora iki? Nakora iki? Yooo Kristo, ndahagarara ku ruhande rwawe nonaha! Ndaza kugira amahitamo yanjye uyu munsi. Ndaza kureka ibyo mvuga byose ku bandi bantu. Ndaza gutakaza uburakari bwanjye bwose. Ndaza gutakaza ibintandukanya byose. Nzatakaza byose. ncisha bugufi, Mwami, fata ibyo ntunze byose. Umfate gusa, Mwami. nda—nda—Ndashaka guhagarara mu mwanya Wawe. Ndashaka kogoshwa. Ndashaka ko kwikunda kose, ubwibone bwose, kutitonda, gusa byose byankurwaho. Noneho ndashaka kuguhagarara ku ruhande rwaweho, nk'umwana w'intama wogoshwe, witeguye kureka ibinezeza byose ibyo bita ibinezeza by'ubuzima, imbyino zose, ibirori byose, imyenda yose migufi, kwisiga amarangi, gutukuza iminwa, gusiga inzara, ibyo byose binyuranye bisa n'isi. Waravuze uti: 'Ntimugakore nkab'isi. Ntimukifatanye nab'isi. Musohoke muri bo!' O Mana! Mfasha, Mwami. Unkemure ubwoya uyu munsi. Mfata nkumwana w'intama maze ungire ikiragi, simbumbure akanwa kanjye, singire icyo mvuga kuri ibyo, ahubwo mpagarare hariya nemere kogoshwa."

132 O Mana, mbega itandukaniro! Ndibuka igihe Wankosoye rimwe, ufata umugore wanjye, umwana wanjye, data, na murumuna wanjye. Waranyogosheje. Nyamara, mu mutima wanjye, nari nzi ko ngukunda. Ukuntu wampaye umugisha! Mbega ukuntu wambereye mwiza! Ibyo ndi byose, ibyo nshoboye kuba byose, ibyo naba byo byose; ni Wowe, Mana, ni Wowe. Natuye amakosa yanjye, natuye ibyo nigeze gukora cyangwa natekereje. Gusa unkureho, Mwami, ndashaka kuba umwana w'intama wawe.

133 Ntabwo ari byo gusa, Mwami, ariko fata abantu bose

hano muri iki gitondo, intama zose, n'abashaka kuba intama, ubogoshe bose, muri iki gitondo, Mwami. Shyira ibirenge byabo bito mu bubiko bw'Ubutumwa bwiza. Umwuka Wera abayobore kwihana nonaha, bamenye ko batitaye ku Mana. Kandi We abakureho kutitaho ibintu byose, abakure kwita ku isi no ku bintu byose by'isi. Dukize ibyo byose muri iki gitondo, Mwami, kugira ngo dufite amafu dushobore guhagarara neza dutuje imbere yawe, nk'abakristo bavutse ubwa kabiri. Byemere, Mwami.

134 Ndagukunda. Ndashaka kugenda, uko ikirere cyaba gishyushye kose, niba numva mbishaka cyangwa ntabishaka. Ndashaka kugenda. Ndashaka guhagarara ku ruhande rwawe, kubera ko nshaka ko uzamburanira kuri urya munsi, ukavuga uti: "Ni byiza, yahagaze ku ruhande rwanjye, none nanjye ndahagarara ku ruhande rwe." Yooo Mana, byemere uyu munsi.

135 None mu gihe buri wese yunamishije umutwe, ndetse na buri mutima wacishijwe bugufi. Ndibaza muri iki gitondo niba hano hari umuntu uzi ko wagerageje kugira inzira zawe bwite, ugakora ibintu utakagombye gukora, kandi ukaba wumva wifuza muri iki gitondo ko Uwiteka akwiyogoshera, akavuga ati: "Nkugize umwana w'intama nyawe," wazamura ikiganza cyawe. Imana iguhe umugisha, madamu. Imana iguhe umugisha, mwene Data. Imana iguhe umugisha, mwene Data. Undi aravuga ati: "Unyogoshe njyewe, Mwami, ndi imbere yawe. Ndi intama. Ntabwo nshoboye no kubumbura akanwa kanjye, ndashaka ko unkuramo iby'isi byose bikajya kure yanjye." Imana iguhe umugisha, mwene Data. Imana iguhe umugisha, madamu. Imana iguhe umugisha, mwana w'umuhungu. Imana iguhe umugisha, madamu. Imana iguhe umugisha, mushiki wanjye. "Unyogoshe, Mwami." Mushiki wacu Gertie. Kandi Imana iguhe umugisha, madamu. Imana iguhe umugisha, mushiki wanjye. "Unyogoshe nonaha, Mwami. Nda—Ndashaka ko ibintu byose by'isi. . . Ndashaka guhagarara ku ruhande rwawe muri iki gitondo. Ndashaka guhagarara nk'intama yogoshe. Ndashaka ko ibintu byose by'isi bisohoka muri njye. Ndashaka kuba Uwawe kandi nawe Ukaba uwanjye. Ese Uranyakira, Mwami, mu gihe nerekeje ibiganza byanjye kuri Wowe?" Imana iguhe umugisha, madamu. Imana iguhe umugisha, wa mugabo we. Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umugisha, wa mugabo we. Imana iguhe umugisha, wa mugabo we. Imana iguhe umugisha, madamu. Imana iguhe umugisha, umudamu, ndabona ibyawe. Imana iguhe umugisha, mwene Data. Imana iguhe umugisha, mukecuru muto muto. Ni byiza. Imana iguhe umugisha inyuma hariya, mubyeyi. Imana iguhe umugisha, mushiki wanjye. Ni byo, gusa vugisha ukuri. "Ndashaka ko Imana yankuraho byose bidasa nka Yo, intego zose zo kwikunda mfite, kutita ku bintu byose mfite. Ndashaka ko Inkemura ubwoya by'ukuri, muri iki gitondo. Ndashaka kumera nka Yo. Sinitaye ku kuba ari uburenganzira

cyangwa atari bwo; nta burenganzira na bumwe mfite. Mfite uburenganzira bumwe gusa, ntabundi, ni ukuza kuri We. Akita ku bisigaye."

136 Hano haba hari umunyabyaha utarigera yemera Kristo, ntabwo wigeze ukizwa, kandi ushaka ko tukwibuka muri iri sengesho muri iki gitondo, wazamura ikiganza cyawe, nshuti munyabyaha? Imana iguhe umugisha. Undi zamura ikiganza cyawe, uvuge uti: "Unyibuke, mwene Data Branham. Ntabwo ndi umukristo, kandi sinzi igihe nzahurira n'Imana. Nanjye nda—ndashaka kwibukwa nonaha mw'isengesho, mu gihe musoza." Ni byiza, mbese wazamura ikiganza cyawe kugirango ngusengere? Arabona. Imana iguhe umugisha, mukecuru muto muto. Imana iguhe umugisha, madamu. Imana iguhe umugisha, wa mugabo we. Undi muntu ati: "Ndashaka kuba, ndashaka ko . . . "

137 Ni bangahe hano basubiye inyuma? "Yooo," uravuze uti: "Ntabwo nabyemera, mwene Data Branham." Ariko, reba, niba iyo Numa y'ubugwaneza yagiye kure yawe, mwene Data, hari ikitagenda neza. Hariho ibitagenda neza mu gihe mudashobora kwihanganirana. Iyo udashobora kubabarira buri muntu biturutse ku ndiba z'umutima wawe, ibyo baba bakoze byose cyangwa ibyo bavuze, niba udashobora kubababarira biturutse ku ndiba y'umutima, Yesu yaravuze ati: "Niba utababariye mugenzi wawe ibicumuro bye, n'umutima wawe wose, rwose na So wo mu Ijuru ntazakubabarira."

138 Noneho, bigenda bite niba, ibi bihe hashyushye, byagenda bite uyu munsi Imana iguhamagaye? Mu gihe hariho Isoko idudubiza, itorero ryiteguye, Umwuka Wera yicaye hano ku mutambiko w'iyi nyubako, yiteguye kumanuka neza maze akagaruka mu mu tima wawe akakugira umuntu witonda n'umunyamahoro. "Nkore iki, mwene Data Branham?" Gusa hinduka umwana w'intama. Umwuka Wera azamanuka neza igihe uzaba uhindutse umwana w'intama. Ariko niba ufite impamvu zitari zo, cyangwa se ibitekerezo—ibitekerezo bibi, ushaka kugira inzira zawe bwite, kandi ntushake kubireka, icyo gihe Umwuka Wera ntazigera aza.

139 Noneho n'imitwe yacu yunamye, ndibaza niba hari umwe muri mwe uzamuye amaboko . . . Yesu yaravuze ati: "Uwumva Amagambo yanjye akizera Uwantumye, afite Ubugingo buhoraho, ntazigera yinjira mu rubanza ahubwo yavuye mu rupfu ajya mu Bugingo," Mutagatifu. Yohani 5:24. Ariko ubu niba ushaka kuza ku gicaniro, upfukame hano, reka dusengere hamwe kugira ngo icyo cyifuzo cy'ubugwaneza, n'amahoro wigeze gutunga, cyangwa ushaka gutunga, byongere kugaruka muri wowe. Mu gihe dukomeje kunamisha imitwe yacu, mu gihe turirimba ngo, *Hano hari Isoko Yuzuye Amaraso,* Ndashaka ko uza, ugapfukama ugasenga. Umuntu wese ubu ushaka kuza,

apfukame hano imbere y'uruhimbi hanyuma afate akanya asenge.

Hari Isoko yuzuye Amaraso,
Yaturutse mu mitsi ya Emanweli,
Abanyabyaha bayibizwamo . . .

Imana iguhe umugisha, madamu, ngwino upfukame.

Gutakaza . . .

140 N'imitwe yanyu yunamishijwe, nk'uko mbyizeye, ni ko n'imitima yanyu iciye bugufi. Uzi ninde usenya ibihome muri iki gitondo, ukwiye kumugirira isoni wenyine? Umugore w'umwirabura, ikintu kibabaje, yabyimbye amavi, umusatsi w'imvi, arimo kuza yerekeza ku gicaniro.

141 Hano hashize igihe, umusaza w'umwirabura yarakijijwe, hari mu gihe cy'ubucakara. Yaragiye, amaze gukizwa, abwira sebuja ko afite umudendezo. Aravuga ati: "Uri iki?"

Undi ati: "Mfite umudendezo." Hanyuma aramurekura.

142 Hano haraza irindi tsinda ry'abantu bamanuka kugirango bakizwe muri iki gitondo. (Yavuze ko afite umudendezo.) Abantu bose mu isengesho, kandi musenge cyane niba mubishaka, mu gihe Umwuka Wera akorana n'abantu bafata ibyemezo.

Yaravuze ati: "Mose, uravuga ko wari ufite umudendezo?" Ati: "Ni byo, mugenzi, mutware. Mfite umudendezo."

143 Ati: "Niba ufite umudendezo, noneho ngiye kukubohora, nawe, ujye kwamamaza Ubutumwa bwiza."

144 Ubwo yari ageze ku buce yenda gupfa, benshi mu bavandimwe be b'abazungu baza kumureba, maze, arababwira ngo, yatekerezaga ko yari muri koma. Amaze kubyuka, ati: "Natekereje ko nari nagiye." (Imana iguhe umugisha, mwene Data, gusa pfukama hasi, hariya.) Aravuga ati: "Natekerezaga ko nari maze kugenda."

Ati: "Wabonye iki, Mose?"

145 Arasubiza ati: "Ubwo ninjiraga mu irembo, namubonye." Ati: "Nari mpagaze, ndamwitegereza." Ati: "Hari hariho Umumalayika nuko araza, aravuga ati: 'Ngwino, Mose. Wabwirije Ubutumwa bwiza imyaka myinshi, none hari ikanzu n'ikamba bigutegereje.'" Aravuga ati: "'Ntumbwire iby'imyambarire n'amakamba. Sinshaka ikanzu n'ikamba. Gusa ndashaka kumureba We.'" Ntekereza ko iyo ari imyifatire y'umukristo uwo ari we wese.

146 Vuba aha hashize igihe, ubwo nari mvuye i Chicago, naciye ku nyubako y'imyidagaduro, nako inzu ndangamurage, nuko, nitegereza ibyari bihari. Maze mbona umwirabura ukuze, ufite imisatsi y'imvi hose ku mutwe, yazengurukaga aho, afite ingofero mu ntoki. Ndamwitegereza. Yitegereje ahantu hato, asubira inyuma, amarira atangira gutemba ku matama ye

ashaje yirabura. Yatangiye gusenga. Naramwitegereje igihe gito. Yongera kureba, atangira gutaka arira. Naratambutse maze ndavuga nti: "Yewe mugabo."

Aravuga ati: "Karame, muzungu ncuti yanjye?"

Naravuze nti: "Ndabona uri . . . Ni iki cyagushimishije cyane gutyo? Ni iki wari wishimiye cyane?"

147 Yaravuze ati: "Mugenzi wanjye, iyaba washoboraga kwiyumva uruhande rwanjye, nabonye icyerekezo ku ruhande rwanjye." Ati: "Nigeze kuba umucakara." Yaravuze ati: "Muri aka kazu gato k'ikirahure hano, iyo ni imyenda irunze aho."

Naravuze nti: "Ndabona ari imyambarire, ariko se ni iki kidasanzwe kuri ibyo?"

148 Yaravuze ati: "Aho hantu hariya," ati: "ayo ni amaraso ya Abraham Lincoln." Ati: "Ayo maraso yankuye ku ngoyi y'ubucakara." Yaravuze ati: "Noneho, muzungu, ntibyari kugushimisha, nawe?"

149 Namufashe ku bitugu bye bikuze, ndamubwira nti: "Imana iguhe umugisha, mwene Data. Nzi ko hari andi Maraso anshimishije."

Yaravuze ati: "Ayo Maraso ndayazi, nanjye, wa mugabo we."

150 Naravuze nti: "Yankuye ku ngoyi y'ubucakara." Igihe kimwe nasohotse ku Cyumweru maze ndihuta, ndakomeza mvuga amahomvu. Nuko Yooo Mana, mbese nabigenje nte? Haracyariho inkovu mu mutima wanjye aho nabikoreye. Ariko nishimiye ko We yankuyeho ingoyi. Byose byarangiye ubu, Yahagaze mu mwanya wanjye.

151 Hano hashize igihe gito, narebaga umugore, wari mubi cyane kandi nashakaga kumuciraho iteka. Imana yampaye iyerekwa. Naramusengeye icyo gihe, kuko nabonaga ko ibyaha byanjye byari bikomeye nk'ibye. Nuko nanjye ndagenda, maze nicara iruhande rwe maze mutera isoni, mubwira ko ndi umukozi w'Imana. Inshuti ze ebyiri . . . Yari afite nk'imyaka mirongo itandatu n'itanu cyangwa mirongo irindwi, inshuti ze ebyiri zabahungu zari zipfukamye aho ngaho, nuko bose begurira umutima wabo Kristo. Yooo, mbega, mbega itandukaniro!

152 Mbese ntuzabikora? Waba waracumuye cyane, muri iki gitondo, waba umaze kubona umutima wawe wirabura kandi ucuramye kugeza naho Umwuka Wera adashobora no kuwukoraho? Ahari Inuma yaba yarafashe ikirere cyayo Iteka ikigendera, Yagiye burundu.

153 Imana iguhe umugisha, mukundwa. Umukobwa muto ugenda. Imana iguhe umugisha, mukunzi wanjye. Uravuga uti: "Uwo mwana w'umukobwa ntabizi." Yego, yego, arabikora. Gusa ntabwo yasomye ibinyamakuru byinshi n'inkuru z'urukundo zo ha mbere nk'uko mwese mubigenza. Ni cyo

kibazo, afite ubwuzu. Yesu yaravuze ati: "Mwihangane bana bato muze aho Ndi."

154 Undi wese wifuza kuza, kwifatanya natwe muri iki gitondo? Igicaniro kirakinguye. Akandi kanya gusa, noneho mu gihe turirimbira hamwe, noneho tugiye gusenga mu gihe aba banyabyaha bihannye barimo gusenga.

> Igisambo kigiye gupfa cyishimiye kubona
> Ya Soko muri . . . (Ni ukuri, icyizere cyose cyari cyayoyotse, nyagucwa ntacyo yari asigaje.)
> Kandi aho nshobora, nubwo ndi mubi nka we . . .

155 urashaka kuza hano nonaha? urashaka kwegera hino, wowe uzi neza? Bibiliya iravuga iti: "Niba uzi gukora ibyiza, kandi ntubikore, kuri wowe uba ukoze ikiruta icyaha." Ntushaka kuza? Uzi ko wibeshye. icire inzira maze uze upfukame ku gicaniro, ubwire Imana ko ubabajwe n'uburyo wayifashe. Reka Umwuka Wera agaruke aguhindure umugwaneza witonda kandi utuje. Mbese ntubishaka? Wibuke ko, niba upfuye, kandi yarigendeye, nta muntu n'umwe wakuburanira. Arashaka ko uhagarara ku ruhande rwe muri iki gitondo. Imana iguhe umugisha, mwene Data.

156 Turategereje. Ni byo gusa, cumi na batanu gusa mw'itorero bumva rwose ko baciriwe urubanza? Wabayeho mu mahoro, witonda, witonda, utuje? Noneho, ibi biyoborwa n'Umwuka Wera. Urababarira, nta banzi ufite? Kubaho kure, hejuru yo gucirwaho iteka kw'abanyabyaha? Ntabwo ubaho nk'abanyamahanga, ubaho ukundi? Ubuzima bwawe bwose buratandukanye? Umwuka Wera witonda yicaye ku ntebe y'umutima wawe, agutera kubaho mu mahoro no gutuza no gukunda, hafi y'abantu bose? Abaturanyi bawe kandi bose barabizi, na bagenzi bawe bose barabizi, ko witonda, umukristo utuje, witonda, wicisha bugufi? Inuma y'Imana iri kumwe nawe? Urabizi neza? Ibi bishobora kuba ari amahirwe yawe ya nyuma. Ni ukuri.

157 Noneho kuri mwebwe muri hano ku gicaniro, Imana ibahe umugisha. Ntimugomba gucirwa urubanza noneho. Umwuka Wera yabazanyeho urubanza. Kandi ntiwagerageje gufata uburenganzira bwawe, uravuga uti: "Yooo, nabaye Umukristo igihe kirekire birahagije. Ntabwo nkeneye kujyayo." Bamwe muri mwe, ni ubwa mbere baje hano ku gicaniro. "Nshobora gukomeza kuba umunyabyaha niba mbishaka, ubwo ni uburenganzira bwanjye." Yego, ni byo. Amahitamo ni ayawe, ushobora kubigenza uko ushaka. Ariko watakaje uburenganzira bwawe muri iki gitondo. Wambwira uti: "Bazavuga iki kuri njye, nimpamya Igikristo, hanyuma bakambona ku gicaniro, bazavuga iki?" Ariko Imana ivuga iki? Yarakubwiye ngo ngwino, nuko uraza. Noneho watakaje uburenganzira bwawe, waje

kugira ngo Umwuka Wera witonda afate umwanya We mu mutima wawe uyu munsi. Nzi ko azabikora. Nzi ko azabikora. Yarabisezeranije azabikora. Ngaho, Ntashobora gufasha gusa, ntashobora gupfa kuza. Aringinga, arataka, yapfuye, n'ibindi byose, yakoze ibishoboka kugirango abone ahantu ajya, ashaka kuza kuri wowe.

158 Kandi mu masaha yawe yo gupfa, bwo umumarayika w'urupfu azaba yicaye ku mirambizo y'igitanda, aho kureba hanze ku kintu gihishe, kandi ukamenya ko hari ubwo wanze kuza mu gihe gikwiriye, hanyuma igihe ubugingo bwawe buhindutse umwijima w'icuraburindi, bizaba ari impitagihe, gutaka kwawe ntikuzumvikana. Esawu yacumuye icyaha cye cy'ubuntu. . . umunsi we w'ubuntu, nyamara, kandi ntiyabonye amahirwe. Yararize cyane, agerageza gushaka uko yakora neza, ariko ntiyabishobora. Imana yamuhamagaye bwa nyuma.

159 Ariko watakaje uburenganzira bwawe bwose n'inshuti zawe zose, n'ibyiyumviro byawe byose n'ibintu byose, muri iki gitondo, kugira ngo uze hano. Watakaje uburenganzira bwawe, uza gupfukama hano no kuvugana n'Imana. Ndakubwira nkoresheje Ijambo ry'Uwiteka, ko Kristo yavuze ati: "Uzaza aho Njyewe ndi, sinzamwirukana." Noneho mu gihe uri ku gicaniro, wihane, umubwire yuko ubabajwe na byabindi wakoze.

160 Ni cyo kibazo abantu ntibacyakira Umwuka Wera iyo bamaze kubatizwa, gusa ntibagishaka kwihana rwose. Imana igerageza kubaha Umwuka Wera. Ishaka ko wiyoroshya ukitonda ugatuza. Ni yo mpamvu uhagurukira gukomeza kuba uwikunda mu mutima wawe. Yooo, ushobora guhaguruka, ugasakuza, ukavuga mu ndimi, n'ibindi, ibyo ntibyakugira umuntu ufite Umwuka Wera. Ugomba guhaguruka aho uri umuntu utandukanye. Ugomba guhaguruka aho uri umuntu wuje urukundo, witonda, utuje kandi uri umugwaneza, wicisha bugufi, Umwuka w'Imana akabana na we. Umwaka utaha, muzitegereza inzira mwanyuzemo, maze murebe aho mugeze murabona ko mwagiye mwungukirwa igihe cyose. Uwo ni Umwuka Wera. Umwuka Wera ni urukundo, umunezero, amahoro, kwihangana, kwiyoroshya, ubwitonzi, ubugwaneza, kwizera. Noneho, ihane gusa ubwire Imana ko ubishaka nonaha. Ari. . . Izabikora.

161 Mwana w'umukobwa, wowe ngaho, mukundwa, bikore utyo. Imana iguhe Umugisha. Mama wawe aguhagaze iruhande akurambitseho ibiganza.

162 Uyu mushiki wacu mwiza w'umwirabura ukuze, yunamye ku gicaniro. Ushobora kuba wariye umutsima w'ibigori hamwe n'igikoma cy'ibigori, ushobora kuba wabagaga mu mayira, ibyo ni byo mbashije kumenya, mushiki wanjye. Imana ihe umugisha umutima wawe, hari ingoro yaguteguriwe mu Bwiza muri iki gitondo. Ni byo.

163 Nitegereje ku gicaniro ndabona umudamu, ufite imisatsi y'imvi, umukobwa ukiri muto wubitse umutwe, umugore ugikomeye w'imisatsi y'urwererane. Yooo Mana! Ndabona abagabo bapfukamye, ndetse n'abandi batandukanye hano. Nimwihane gusa, mumubwire ko mwicuza. Mumubwire ko mutazongera kubikora na gato. Kubw'ubuntu Bwe, guhera uyu munsi muzareka ibyo byose bibatandukanya. Urashaka kwitonda no guceceka. Urashaka kwicisha bugufi ukajya aho akwerekeza.

164 Abantu nibagira icyo bavuga, habe nubwo cyaba cyiza gute, ugiye gutakaza uburenganzira bwawe bwo kuvuga kubyerekeye mugenzi wawe. Ugiye kuvuga, ugiye kuvuga ibya Yesu. Ugiye gukora ikintu cyiza. Ntuza gusohoka usa n'umwicanyi. Ntuza gusohoka ngo uhutaze inzirakarengane. Ariko urabona ko kugaragaza ubutwari kw'Abakristo nyakuri, kandi ushaka kumera nkabo. Ntuzagomba kubwira umuntu uwo ari we wese ko uri umukristo, niba uri we koko, barabibona gusa kandi barabimenya iyo muganira. Washyizweho ikimenyetso imbere n'inyuma.

165 Noneho, nkuko mwicishije bugufi mu mitima yanyu, ni mwihane nonaha. Bwira Imana, uti: "mbabarira," wowe "ntuzongera kubisubira ukundi," ko ufite "isoni" zawe wenyine, z'ibyo wakoze. Noneho rero ngiye kugusengera. Kandi ndizera ko, ako kanya, amahoro arahita ko aza mu mutima wawe, gusa amahoro nk'umugezi utembera mu bugingo bwawe. bishoboka ko utavuza induru, bishoboka ko utavuga mu ndimi, bishoboka ko utasimbagurika hejuru; ariko uzava ku gucaniro ufite Ikintu muri wowe, Ikintu muri wowe kizagushyira ku musaraba wa kera igihe cyose ukiriho. Noneho senga, nk'uko nanjye mbikora. Atura.

166 Data wa twese wo mw'Ijuru. Ibiremwa bidakwiriye, biri muri iki cyumba gishyushye, bitutubikana ibyuya muri iki gitondo, icyumba cy'ibyuya; ariko, Mana, Wabize ibyuya bisohoka muri twe. Umwuka Wera aramanuka, yemeza abantu ko bibeshye. Baracumuye. Imyuka yabo yari iy'abirasi. Bahinduka abibone, abasebanya, bigira bamenya, badashaka kwihana, badashaka kubabarira abantu babakoreye ibintu bibi. Ntibababishakaga, ariko uyu munsi Umwuka Wera yafashe Ijambo ry'Imana, arishyira neza mu mitima yabo yoroheje, aravuga ati: "Noneho se urashaka kugaruka aho wari uri bwa mbere ubwo wazaga ku gicaniro, garuka aho abantu bose bari, ukunda abantu bose, mbese urankunda Njyewe n'urukundo rudashira? Noneho nimuhaguruke muzamuke mujye ku gicaniro." Babikoze, Mwami.

167 Noneho, ndasenga none kugirango weze ibitekerezo byabo, Mwami, weze n'imitima yabo, ubagire abitonda n'abanyamahoro. Nibahinduke bakiva kuri iki gicaniro, bamaze kwihana, baguhaye ubuzima bwabo, basubire iwabo. Nubwo

haba ikibazo icyo ari cyo cyose, niba umugabo wawe arakaye, cyangwa umugore wawe arakaye, cyangwa umuturanyi wawe arakaye, cyangwa mugenzi wawe ku kazi akurakariye, cyangwa undi ukungirije "Nzatuza gusa nitonde nk'inuma."

168 Nyuma ya byose, Kwihorera ni Ukwawe, "Nzakwitura, ni ko Uwiteka avuga." Ni gute twabonye ko ari byo, Mwami. Gusa uhagarare, utuje, witegereze Imana imanutse gufata . . . imanutse ku mwana w'intama Wayo. Ni byo rwose. Uyu Mwungeri mwiza atanga Ubuzima Bwe ku bwabo, Yaje kubw'intama Ze. Kandi Azaziyobora. Azabona ishyano uwo uzazitambika imbere! Azabona ishyano uzavuga amagambo azirwanya! Ati: "Byaba byiza uhambiriwe urusyo ku ijosi, hanyuma ukajugunywa mu nyanja. Abamalayika babo bahora bareba isura ya Data uri mw'Ijuru." Murareba? Yooo Mana, turashaka . . . "icyo ubakorera, ni Njyewe uba uginkoreye."

169 Noneho Mana, ndashaka kwitonda. Nishyize ku gicaniro, nanjye, muri iki gitondo; ntabwo ar muri iki gitondo, ahubwo buri gitondo na buri munsi. Ndashaka guceceka no kwitonda, kandi ngasa nka Yesu. Emera, Data. Dufashe kumera gutyo muri aka kanya, reka urukundo rwawe rutagira akagero rutuzengurutse rusuke k'ubugingo bwacu.

> Amahoro! Amahoro! Amahoro atangaje,
> Manuka uva kuri Data wa twese wo mu ijuru; (Mbese noneho ntituri kumwumva mu mitima yacu?)
> . . . hejuru y'umwuka wanjye ubuziraherezo . . . (Haleluya! Haleluya!)
>
> Amahoro! Amahoro! Atangaje . . .

170 Mushiki wacu Gertie ati tubwire itorero ryose ko yumva aciriwe urubanza, ariko piyano arayigira igicaniro cye. Kuva ku gicaniro, piyano ni cyo igicaniro cye, ati: "Bwira itorero rinsengere," uko yicaye hariya amarira arimo gutemba ku madarubindi ye. Uru ruhimbi ni cyo gicaniro cyanjye. Ndihannye, nanjye, Bibiliya yanjye yatose. Yooo Mana!

> Amahoro! (Amahoro y'Imana.)
> Amanuka ava kuri Data wa twese wo mu ijuru; (Oh, haleluya!)
> . . . hejuru y'umwuka wanjye ubuziraherezo . . .

171 Mana, niba naracumuye ku bantu bose, nkaba naragucumuyeho, bikureho, Mwami. Kuraho icyaha mu itorero ryanjye rito, muri iki gitondo.

172 Ni bangahe bashobora kumva ko Imana ibababariye, kandi Inuma y'Amahoro ikaba yongeye kwicara mu mutima wabo? Yagarutse ubu, ifata Umwanya wayo. Umwuka Wera yasubiye inyuma maze aravuga ati: "Mwana Wanjye, iteka Nifuzaga kugukunda igihe cyose. Gusa Njyewe ntiwanyemereye kubikora.

Ntabwo nshobora gutura hamwe n'umwuka wawe wa kera wo kwikunda. Ariko ubu kubera ko umaze kuwureka, ndagarutse mu mutima wawe muri iki gitondo." Ni bangahe babyumva batyo? Zamura ikiganza cyawe. Zamura ikiganza cyawe, ni byo, ku gicaniro rwose. Yego, ni byiza. Ni bangahe mubateze amatwi hano mu cyumba nabo babyumva? Zamura ikiganza cyawe. Yooo! (*Gusa nka Yesu.)*

173 Data wa twese wo mw'Ijuru, turagushimira kubw'iki gihe cyoroheje cyo, kwiyegurira Imana, ni nko gufata urubuto rwa pome mu ntoki, ukarusya, ukaruhonyora, kugeza igihe ruhindukiye ubuvungukira, rworoheje rero ku buryo umwana muto yakwicara akarurya. Ubwo ni bwo buryo twifuzamo imitima yacu, Mwami. Rufate mu kuboko Kwawe gufite inkovu z'imisumali, uruhonyore uvuga uti: "Mwana wanjye, ntubona ko wambabaje? Warambabaje igihe wirukankaga usanga izindi mana nka kuriya. Warambabazaga, yewe, umutima Wanjye wavuye amaraso kubwawe, mwana wanjye, ubwo nabonaga *ukora ibintu nk'ibyo*. Ariko ubu ubwo mfite umutima wawe mu biganza Byanjye, ndashaka kuwugira uw'ubugwaneza nyabwo. Ndashaka kuwuhindura ku buryo nshobora kuwukoresha no kuwuturamo. Ndashaka gusubira inyuma ku gicaniro muri iki gitondo, Ndashaka kugaruka inyuma no gutura, gutura muri wowe." Bikore Mana. Turagukunda. Biduhe, kubw'icyubahiro cyawe. Tubisabye mw'Izina rya Yesu.

Kumera nka Yesu, kuri . . .

Mbese ntimukunda gusenga nka gutya? Yooo, ubugingo bwanjye buminjiriweho amazi!

Ku isi nda . . .

Kumubona We amanutse gutya mu—mu mitima y'abasenga, wumva ihumure nyakuri mu mutima wawe? Umutima wanjye uratera vuba vuba.

. . . urugendo ruva ku isi rujya mu Bwiza
Ndasaba gusa kumera nka We.

Wazamura ikiganza cyawe mu gihe turirimba?

Kuba nka Yesu, kuba . . .

Joe, urashaka kuzamuka ugasenga muri iki gitondo, mwene Data? Imana iguhe umugisha. Shaka umwanya hano ku gicaniro, Mwene data Joe. Imana iguhe umugisha . . . ? . . .

. . . urugendo ruva ku isi rujya mu Bwiza
Ndasaba gusa kumera nka We.

174 Nzi ko hashyushye, nshuti zanjye. Nzi ko ari byo. Ariko nda—ndizera ko mwumva mumeze nkanjye. Yoo, ndumva gusa nshobora kuguruka. Mbega urukundo! Nakora iki? Najya he? Yooo Mana! Njye he? Nerekeza he? Ni iki kigiye—kigiye kuba? Nzajya he imyaka ijana uhereye nonaha? Nakora iki niba ntamufite? Mbese ubundi buhungiro bwava he?

Mu kirugu cy'i Betelehemu havuyemo Ikidasanzwe,
Ku isi ndifuza kumera nka We;
Byose mu rugendo rw'ubuzima kuva ku isi kugera mu Bwiza
Ndasaba gusa kumera nka We.

Twese hamwe noneho:

Kumera nka Yesu . . . (Imana ishimwe! Yego, Mwami! Yego, Mwami! Ntabwo ari ukumera nk'isi, ahubwo nkawe!)
. . . kumera nka We;
Byose mu rugendo rw'ubuzima bwanjye ku isi kugera mu bwiza
Ndabaza gusa . . . ? . . .

175 Mu gihe mwunamishije imitwe yanyu, ngiye kugira icyo mabaza. Umuntu uri hano ntabwo yishimira Umwuka Wera. Umuntu yarahamagawe. Ndavuga mw'Izina ry'Umwami Yesu, nk'umuhanuzi We. Nshobora kumva umutima We ukomeretse. Hari umuntu muri iki cyumba wamusuzuguye, umuntu wakagombye kuba yaje. Ntushaka kuza noneho?

Byose binyuze mu rugendo rw'ubuzima kuva . . .

Yego, mushiki wanjye, ariko hariho abarenze kukurusha.

. . . Ubwiza
Ndasaba gusa kumera nka We.

Gusa kumera nka Yesu . . . (Ibyo ni byo byifuzo byanjye byose, nkitonda nkagira umutima utuje, nkicisha bugufi, nkamera nka We.)
Ku isi nda . . .

Ntushaka kwegera hano kugeza n'ubu? Imana ishaka kukubona wegera hino, umubare mwinshi muri mwe.

Byose . . .

176 Nari nzi ko uza. Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umugisha. Ni byo. Ni byo. Nitegerezaga hejuru y'abateze amatwi, hari hari igicucu cyirabura gitangaje ntigeze kubona. Umwuka Wera ari hano nonaha. Ari kuri njye ubungubu. "Kubabaza Umwuka Wera."

Kumera nka Yesu . . .

177 Yakoze iki? Yagiye aho Data yamuyoboye. Imana iguhe umugisha, mwene Data. Imana iguhe umugisha, mwene Data. Ni byo, ngwino hano maze upfukame.

Ku isi ndifuza cyane . . .

178 Noneho igihe kirageze cyo kwatura, kugorora, gukora neza nk'uko wabigenzaga kera. Ngwino. Noneho ndacyumva ko hakiri abandi. Imana iguhe umugisha, madamu. Imana

iguhe umugisha, madamu. Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umugisha. Ni byo. Umwuka Wera ahora ari mu kuri. Ngwino. Ni byo, egera hino.

> . . . We.
>
> Kumera nka Yesu, kumera nka Yesu,
> Ku isi nda . . .

Yooo, njye, ni byo! Ni inzira, gusa tunganya inzira, wegere hino maze usenge.

> Binyuze mu rugendo rw'ubuzima kuva ku isi
> kugera mu Bwiza,

Ihane gusa, bwira Imana ko ububajwe n'ibyo wakoze, n'ibyo ugomba gukora.

> . . . kumera nka We.

179 Ntushobora gukomeza kuza nonaha?

> Kumera . . .

Ni byo, wishidikanya, ngwino wegere hino.

> . . . kumera nka . . .

180 Ugiye gukora iki? Ni inde uza guhagarara ku ruhande rwawe, wenda muri iri joro? Ni inde uzaguhagararaho mu gihe urupfu ruzaba rukugenda runono? Ibyo waba warakoze byose, Umwuka Wera ari hafi yawe. Uwo ni We ushaka ko uza.

> Byose mu rugendo rw'ubuzima uhereye ku isi
> ukagera mu Bwiza

181 Ihane gusa, uvuge uti: "Mana, ndababaye. Si—sinshaka kubisubira. Ntuzahagarara ku ruhande rwanjye nintahagarara ku ruhande rwawe nonaha. Kandi ndashaka ko Wowe uhagarara ku ruhande rwanjye, kandi ndahagarara ku ruhande rwawe uhereye none. Ngiye kubaho nk'uko umukristo agomba kubaho. Ngiye guhindura inzira zanjye. Ngiye kwitonda no guceceka. Ngiye kureka abantu bose bakore ibyo bavuga, byose. Ngiye kubaho gusa nk'uwitonda kandi ntuje imbere yawe." Nubwo waba umaze igihe kingana iki uvuga ko uri umukristo, ni irihe torero urimo, ibyo ntacyo bivuze. Ngwino. Imana iguhe umugisha. Nyura iburyo, mwana wanjye.

182 Imana irimo kuvugana nawe nonaha. Niba wizera ko ndi umugaragu Wayo, Umwuka Wera yamvugishije muri iki gitondo, maze arambwira ati: "Kora umuhamagaro, hano hari benshi bari yo hepfo hariya." Uyu ni wo munsi, iki ni cyo gihe. Haracyari abandi batanu cyangwa batandatu inyuma, muby'ukuri bagomba kuza nonaha. Ibuka, mwene Data, mushiki wanjye, ndakureba neza, ndabona igicucu cyijimye kikuri hejuru. Ibyakubera byiza ni ukwegera hino.

183 Kumera nka Yesu! Ntushaka kumera nka We, witonda, ucecetse, utuje, wicisha bugufi? Imana iguhe umugisha, musore. Imana iguhe umugisha, umupapa hamwe n'umwana we. Imana

iguhe umugisha, mushiki wanjye. Imana iguhe umugisha, nshuti z'abanyabyaha. Ni byo. komeza wegere hino, mushiki wanjye, uze neza, ushake umwanya. Imana iguhe umugisha.

184 Mushiki wanjye mukundwa, ufite byinshi byo gushimira. Wari wirambitse ku buriri, urupfu rugushaka, none dore urimo uragenda, uragera ku gicaniro. Imana ihe umugisha umutima wawe wuje ubwuzu.

185 Umwuka Wera yongeye kuvuga nonaha. Kwihana, takambira Imana gusa, senga isengesho ryawe wenyine. Ni wowe wakoze icyaha, none ni wowe ugomba gusenga. Bwira Imana ko ubabajwe n'ibyo wakoze. Wikwita ku bari hafi yawe. Vuga gusa uti: "Mana, mbabarira, ntabwo nashakaga kumera gutya. Ndashaka kwitonda. Sinzasubira si—sinzongera gukubagana no gutontoma ukundi."

186 Yooo Mana, yewe, mbega ukuntu mbikunze! Data wa twese wo mw'Ijuru, kuri buri wese wihannye uri hasi ku gicaniro, apfukamye, asenga! Mana, reka aba mama, aba papa, abana, ba se, ba nyina, n'abandi bose, abaturanyi, abayoboke b'itorero, abadiyakoni, abashinzwe ubuyobozi, Yooo, Mana we, muri iki gihe cya kera cyo kwishushanya, mu gihe twicaye muri iki cyumba kirimo ubushyuhe muri iki gitondo, Umwuka Wera amanuke neza, atubwire amahoro. Yooo Mana, ndashaka guhagarara uwo munsi kugirango numve Uvuga, witonze, "Yego, uraza ukantegurira aho mpagarara, none nanjye nzaguteguririra aho uhagarara." Ndashaka ko ushyira ayo mahoro mu mutima wa buri wese uri hano uyu munsi, Mana. Bacecetse kandi bitonze, ndashaka ko Ubikora. Ndashaka gusa ko Wimukiramo ufite ibyiyumviro ko batazongera kubura amahoro ukundi, guhera uyu munsi ugakomeza. Ubuturo bube bushya. Abantu babe abantu bashya. Reka ibintu byose bibe bishya uyu munsi, kuko aba bantu bicishije bugufi. Waravuze uti: "Niba abantu bitwa Izina Ryanjye bicisha bugufi, maze bagasenga, ni bwo nzumva ibivuye mw'Ijuru." Kandi nzi ko Ukora, muri iki gitondo, Mana.

187 Kandi ndasaba imbabazi ku bagumye mu cyicaro cyabo, ibyo bigomba kubaho. Mana, vugana nabo, kandi ntibazongere kugira amahoro ku isi kugeza igihe bafashe icyo cyemezo, Mwami, kuza no gukosorwa neza nawe. Byemere, Mwami. Ha umugisha buri wese muri aka kanya. Ineza yawe n'imbabazi zawe bigume kuri buri bugingo bwihana kandi bwunamye muri iri torero muri iki gitondo.

188 Mana Data, ibi nabikoze mbisabwe na We. Nahamagaye aba bantu; bahagaze. Waravuze uti: "Uzampamya imbere y'abantu, nanjye nzamuhamya imbere ya Data n'Abamalayika bera." Abenshi mu bari hano babaye Abakristo imyaka myinshi, ariko barahagaze muri iki gitondo kugirango bahamye ibyaha byabo ko bakoze nabi. Babaye abantu badakundwa.

Umwuka Wera yari yarabavuyemo. Kandi inshuro nyinshi badashobora kumva ubwo bwitonzi, buryoshye, ibyo byiyumviro byoroheje bagombaga kumva. Benshi muri bo ni abanyabyaha baza ku nshuro yabo ya mbere. Ariko, Data, barashaka ibyiyumviro byiza, amahoro arenze imyumvire yose. Bibahe uyu munsi, Mwami Mana, nibabe bose abakundwa beza kandi buzuye Umwuka Wawe, ubwo bari buve hano uyu munsi, kugirango bajye aho bataha hatandukanye, kubaho ubuzima butandukanye no kuba abantu batandukanye. Ibi tubisabye mw'Izina rya Kristo.

189 *Icyumba Cyo kw'Isoko.* Ni byiza, wowe uri ku gicaniro, haguruka, witegereze Uwiteka Imana, hindukirira kandi uhane ibiganza n'abantu bose bagukikije. Yooo, tugiye kuririmba, abantu bose ubu, mu gihe duhagaze akanya gato mbere y'umurimo wo gukiza abarwayi.

Icyumba, icyumba, yego, hari icyumba,
Hano hari icyumba kw'Isoko yawe;
Icyumba, icyumba, yego, hari icyumba,
Hano hari icyumba cyawe kw'Isoko.

Yooo, mwese hamwe!

. . . icyumba, yego, hari icyumba,
Hano hari icyumba Cyawe ku Isoko;
Oh, icyumba, icyumba, yego, hari icyumba,
Hano hari icyumba cyawe ku Isoko.

Yooo, icyumba, icyumba, yego, hari icyumba!

190 [Ahantu hadafashe amajwi kuri kaseti—Ubwanditsi.] . . .?. . . ukwizera! Urabizi ejobundi, muvandimwe, igihe umu—umugore wawe yarahamagaye, kugirango musengere ku bwawe? Nagiye mu cyumba, Umwuka Wera arambwira ati: "Ntutinye." Amina. Ntabwo ari iby'ukuri? Birahebuje! Ni byo, Umwami ahabwe icyubahiro! Gusa ndumva nsa n'uririmba intsinzi! Ni byo.

Kandi Amaraso Ye aroza agahindura umweru . . .

(Hari icyo ufite cyo kuvuga?)

(Yesu arakiza!) . . .?. . .

191 Ni byo, noneho ni mwene Data Neville. Na mwene Data Slaughter's bahawe ijambo.

[Mwene Data Slaughter aravuga. Ahantu hariho ubusa kuri kaseti—Ubwanditsi.]

192 [Mwene Data Neville aravuga ati: "Mbega! Shimwa Mwami! Amina! Imana ishimwe! Ndizera ko abantu bose hari icyo bakiriye muri iki gitondo."—Ubwanditsi.] Icyubahiro! Haleluya! Haleluya! ["Ubu buri wese arasa nk'aho yizera Imana. Haleluya! Umva uyu mugisha mwiza no gusigwa amavuta hano ku rubuga,

iyumve nka Petero, we, ntiyabayeho kubwo kwikunda . . . ? . . . kubaka insengero eshatu, zikaba zikiri hano. Amina. Ibi ni byiza. Abantu bose bakiriye.”]

193 [“Noneho buri wese nahaguruke. Amina. Ibuka umurimo muri iri joro, dufite umurimo wo kozanya ibirenge no gusangira. (Wamenya niba uza kuba uhari?)”] Birashoboka ko nanjye nza kuba ndi hano iri joro, nanjye. [“Birashoboka ko namanuka muri iri joro.”] Yego, uko mbizi nzaba ndi hano, keretse mpamagawe ahandi hantu runaka. [“Amina.”]

*Itorero n'Imiterere Yaryo* KIN56-0805
(The Church And Its Condition)
Uruhererekane rw'Amatorero

Ubu butumwa bwa Mwene Data William Marrion Branham bwabwirijwe mu Cyongereza ku Cyumweru mu gitondo, tariki ya 5 Kanama, 1956, mu Rusengero rwa Branham muri Jeffersonville, Indiana, muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Bwafashwe amajwi kuri bande mu mwimerere wabwo. Bwandikwa nk'uko bwabwirijwe mu Cyongereza. Ihindurwa mu Kinyarwanda ry'ubu butumwa ryakozwe kandi rinatangazwa na Voice of God Recordings.

KINYARWANDA

©2023 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

Voice Of God Recordings
P.O. Box 950, Jeffersonville, Indiana 47131 U.S.A.
www.branham.org

## Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org